RWANDA NATIONAL POLICE
Service • Protection • Integrity

# UMUTEKANO





*"Polisi ubwayo, nta byinshi ishobora kugeraho yonyine, akazi ka Polisi kagenda neza kurusha iyo polisi ifatanyije n'abanyarwanda n'abaturarwanda"*

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika

Paul KAGAME

# INTUMBERO YACU

Gushakira abatuye u Rwanda umutekano usesuye kandi wizewe.

# ICYEREKEZO CYACU

Polisi y'u Rwanda yiyemeje gutanga serivisi inoze, gukorera mu mucyo, guharanira ko amategeko yubahirizwa no kugira ngo abantu babe ahari umutekano hazira icyaha

# INDANGAGACIRO

Ubutabera no kubahiriza uburenganzira bwa muntu, Ubunyagamugayo, Umutuzo mu baturage, Gukorera hamwe n'ubufatanye, Kutaba nyamwigendaho, Kuzuza inshingano, Kwita ku mibanire y'abaturage, Kugira imyitwarire ya kinyamwuga no kunoza ibyo ukora

# ABAGIZE UBWANDITSI BW'IKINYAMAKURU


UBUYOBOZI BUKURU

Polisi y'u Rwanda

UMWANDITSI MUKURU

ACP Boniface RUTIKANGA

UMUNYAMABANGA W'UBWANDITSI

IP Francois MUGIRANEZA

ABANYAMAKURU

IP Francois MUGIRANEZA
AIP Aime Serge NTAGANZWA

GRAPHIC DESIGNER

IP Frank NGANJI
CPL NTAKIRUTIMANA Gratien

ABAFASHE AMAFOTO

AIP Aron ABIJURU
AIP Eric HABUMUREMYI
SSGT TUNEZERWE Aimable
CPL MUKESHIMANA Yvonne
PC CYUZUZO Josiane
PC NIRERE Elysé


© Jul-Sept 2025 [Rwanda National Police]. All Rights Reserved.

# ISHAKIRO


6 Abasaga 50 bagize urubyiruko rw'abanyarwanda baba hanze basuye Polisi y' u Rwanda

8 Abaturage bamurikiwe impano bagenewe mu bikorwa by'ubufatanye bwa Polisi n'ingabo

14 Itsinda ry'intumwa ziturutse muri Uganda zasuye Polisi y'u Rwanda

16 Imyaka 25 y'urugendo rwa Polisi y'u Rwanda mu bufatanye n'abaturage mu gucunga umutekano

20 Ba Ofisiye 45 bo mu nzego z'umutekano basoje amahugurwa

22 GERAYO AMAHORO: Abakoresha umuhanda bakanguriwe gukomeza ingamba zo gukumira impanuka

24 Abapolisi 240 biteguraga kujya mu butumwa bw'amahoro muri Sudani y'epfo bahawe impanuro

26 Abapolisi barenga 170 basoje amahugurwa ajyanye no kurinda ituze rusange no guhangana n'ibihungabanya umutekano mu mijyi

28 KIGALI: Hasojwe amahugurwa ajyanye n'ubuvuzi bw'imbwa zifashishwa mu gucunga umutekano

30 Abapolisi bitabiriye igikorwa cyo gutanga amaraso ku bushake yo kuzafashisha abarwayi

31 Abatwara abagenzi kuri moto basabwe kugira uruhare mu mutekano wo mu muhanda

33 Urugendo rwa Polisi y'u Rwanda mu guteza imbere ihame ry'uburinganire mu myaka 25

38 Abarenga 40 basoje amahugurwa ya ba ofisiye bato i Gishari

40 Abanyeshuri biga mu kigo cya Saint Louis et Zélie basuye Polisi y'u Rwanda

43 Urubyiruko rw'abanyeshuri rurakangurirwa kwirinda ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kubirwanya

44 KIGALI: Abagize urubyiruko rw'abakorerabushake bashimiwe uruhare rwabo mu kwicungira umutekano n'iterambere

46 Ibigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano birasabwa kongera ubunyamwuga n'ihame ry'umurimo unoze

48 CTTC Mayange ku ruhembe mu gutanga amahugurwa kabuhariwe yo kurwanya Iterabwoba

52 Polisi irakangurira abatwara ibinyabiziga kubahiriza amabwiriza ajyanye n'imikoreshereze y'umuhanda mu masangano

55 Abapolisi 24 basoje amahugurwa yihariye mu bijyanye no gukoresha intwaro

58 Ubushobozi buhagije burahari, abakora ibyaha nk'ibi nta bwihisho bafite mu Rwanda-ACP Rutikanga

60 Abapolisi barenga 1200 basoje amahugurwa y'ibanze yihariye mu byo gucunga umutekano

63 Intumwa z'Umuryango w'Abibumbye zirishimira uko u Rwanda rwitegura ibikorwa byo kubungabunga amahoro

65 Abapolisi 20 basoje amahugurwa mu byo gucunga umutekano wo mu mazi

67 SANTRAFURIKA: Abapolisi b'u Rwanda barenga 180 bari mu butumwa bw'amahoro bambitswe imidali y'ishimwe

70 GMT 2025: Ikipe ya Polisi ya Taekwondo yegukanye igikombe n'imidali 11

72 VOLLEYBALL: Amakipe ya Polisi yegukanye ibikombe byose by'irushanwa ryo Kwibohora 2025



## ABASAGA 50 BAGIZE URUBYIRUKO RW'ABANYARWANDA BABA HANZE BASUYE POLISI Y'U RWANDA

Ku wa Kabiri tariki ya 8 Nyakanga, itsinda ry'urubyiruko rw'abanyarwanda bagera kuri 50 baba mu bihugu bitandukanye byo ku Isi (Diaspora), basuye Polisi y'u Rwanda, ku cyicaro gikuru Kacyiru, muri gahunda ngarukamwaka bagira yo gusura igihugu bagamije kwiga amateka, umuco n'imikorere y'inzego zitandukanye.
Bakiriwe na Assistant Commissioner of Police (ACP) Khalid Kabasha, ushinzwe ubutwererane na porotokole, mu izina ry'ubuyobozi bukuru bwa Polisi y'u Rwanda, abasobanurira amavu n'amavuko, urugendo yagize mu kubaka ubushobozi, imikorere n'imikoranire n'izindi nzego n'abaturage mu kubaka igihugu.
Yagize ati: "Polisi ishingwa yagiye izamuka ari nako yubaka ubushobozi butandukanye no mu byiciro bitandukanye. Yari ifite intego n'inshingano zitagarukira mu gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo gusa kuko yasanze umutekano w'umuntu nyawo nibura ari ukuba afite iby'ibanze mu buzima, ari nayo mpamvu yafashe iyambere mu gufatanya n'abaturage mu bikorwa by'iterambere bigamije kuzamura ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage."



ACP Kabasha yakomeje agira ati: "Nk'uko icyerekezo cyacu ari ukurinda umutekano w'abaturage kandi nabo bawugizemo uruhare, twasanze gukorana nabo mu bikorwa bitandukanye bitanga icyizere n'umubano mwiza hagati yacu bikanoroshya imikoranire myiza bituma tumenya amakuru y'ahakorerwa ibyaha bitandukanye kuko baduhera amakuru ku gihe. Si ibyo gusa kandi mu rwego rwo kubaka umutekano uhamye Polisi yacu ifite imikoranire na Polisi




zitandukanye hirya no hino ku isi binyuze mu masezerano twagiye dushyiraho umukono hagati y'inzego zombi."

ACP Kabasha yabasobanuriye kandi ko Polisi ikataje mu guteza imbere ikoranabuhanga ryifashishwa n'amashami atandukanye kandi agenda arushaho kwiyubaka arushaho gukora mu buryo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo guha serivisi abaturage byihuse no kwirinda ruswa n'akandi karengane ako ariko kose.

Bizimana Kennedy, umwe muri urwo rubyiruko, yashimiye uburyo bakiriwe ndetse n'uko Polisi y'u Rwanda yagiye yiyubaka no kubaka igihugu irushaho gucunga umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo.

Yashimiye intwari zitanze zikabohora igihugu kikaba kigeze mu iterambere rishimishije mu byiciro bitandukanye ariko byose bishingiye ku mutekano uhamye, avuga ko nabo bifuza kugera ikirenge mu cy'izo ntwari bagira uruhare mu kubaka igihugu no kugiteza imbere.



# ABATURAGE BAMURIKIWE IMPANO BAGENEWE MU BIKORWA BY'UBUFATANYE BWA POLISI N'INGABO




Ku wa Kane tariki ya 3 Nyakanga, hasojwe ku mugaragaro ibikorwa by'ubufatanye bwa Polisi, Ingabo z'u Rwanda n'iz'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'abandi bafatanyabikorwa, bigamije guteza imbere imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage.

Ni ibikorwa byari bimaze igihe cy'amezi atatu bikorerwa hirya no hino mu gihugu ku nsanganyamatsiko igira iti: "Abaturage b'u Rwanda hamwe n'inzego z'umutekano mu kwizihiza Kwibohora ku nshuro ya 31 n'imyaka 25 y'ubufatanye bwa Polisi y'u Rwanda n'abaturage', byahujwe n'icyumweru cyahariwe kumurikira abaturage ku nshuro ya gatanu, ibikorwa by'ingabo z'ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC CIMIC).

Muri ibi bikorwa byibanda ku buvuzi, kubungabunga ibidukikije, kubaka ibikorwaremezo, ubworozi no kubakira imiryango itishoboye, hirya no hino mu gihugu; havuwe abaturage 41,868, hubakwa inzu 70 zashyikirijwe imiryango itishoboye, ibiraro 13 bizafasha abaturage mu buhahirane n'imigenderanire, ingo mbonezamikurire (ECDs) 10, hafashwa amakoperative 33 y'abavuye mu bigo ngororamuco n'ibindi bikorwa bitandukanye.

Kuva ku itariki 29 Kamena, nibwo ibi bikorwa byitabiriwe n'ingabo zo mu karere k'Afurika y'Iburasirazuba zirimo izo mu gihugu cy'u Burundi, Kenya, Tanzania na Uganda, aho abaganga b'inzobere baturutse muri ibyo bihugu batanze serivisi zo kuvura indwara z'imbere mu mubiri, iz'abagore, indwara z'abana, indwara z'amagufa, iz'amenyo n'izindi, hatangwa ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba, ibigega by'amazi, amakaro mu mazu, ibikoresho byo mu nzu zubakiwe abatishoboye, amajire ku batwara abagenzi kuri moto n'ibindi.



*Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, John Bosco Nyemazi na CP George Rumanzi, Komiseri w'Ishami rishinzwe ibikorwa bya Polisi n'ituze rusange bashyikiriza ku mugaragaro ivomo rigezweho abaturage bo mu murenge wa Ndego, ryitezweho kugeza amazi meza ku miryango isaga 3,000 yo muri uyu murenge no mu nkengero zawo mu guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'amazi*

Mu Ntara y'Iburasirazuba, umuhango wo gusoza ibikorwa by'ubufatanye bwa Polisi n'ingabo wayobowe na Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana, ku bitaro bya Ngoma, aho ku bufatanye n'Ingabo zo mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba muri iki cyumweru havuwe abaturage barenga 2400







Umuhango wo gushyikiriza abaturage ibikorwa by'iterambere mu Ntara y'Iburengerazuba mu murenge wa Gatumba, mu Karere ka Ngororero, Minisitiri w'Umutekano w'imbere mu gihugu, Dr. Vincent Biruta yashyikirije imiryango itagira aho kuba inzu bubakiwe




*Umuyobozi Mukuru wa Polisi (IGP) CG Felix Namuhoranye ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Burera Solina Mukamana n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Ntara y'Amajyaruguru, Lt. Col Charles Kamari bashyikiriza imiryango itishoboye inzu 6 bubakiwe mu murenge wa Rusarabuye*



Mu Mujyi wa Kigali, Ibikorwa byo gutaha irerero n'ikiraro cya Kajeke mu Karere ka Gasabo na Kicukiro byayobowe n'Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'Ingabo, Brig Gen. Celestin Kanyamahanga, wari kumwe n'umuyobozi w'Umujyi wa Kigali wungirije ushinzwe ubukungu, Dusabimana Fulgence na CP Costa Habyara, Komiseri w'ishami rishinzwe kurwanya ibikorwa by'iterabwoba muri Polisi y'u Rwanda





Umuyobozi Mukuru wa Polisi wungirije ushinzwe ibikorwa, DIGP Vincent Sano, ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo; Alice Kayitesi n'uwari uhagarariye Ingabo z'akarere k'Afurika y'Iburasirazuba muri uyu muhango, Lt Col. Alex Mwingi Kalama, bashyikirije amajire arenga 400 abatwara abagenzi kuri moto mu murenge wa Runda, akarere ka Kamonyi



Koperative ikora ubwikorezi yo mu kirwa cya Birwa mu kiyaga cya Burera yashyikirijwe ubwato buzafasha abahatuye kwikura mu bwigunge bagenderanira n'abo mu duce two hakurya y'ikiyaga



*Minisitiri w'ingabo, Hon Juvenal Marizamunda yashyikirije ku mugaragaro inzu 10 imiryango itishoboye mu Kagari ka Cyivugiza, umurenge wa Muko mu Karere ka Musanze*

# ITSINDA RY'INTUMWA ZITURUTSE MURI UGANDA ZASUYE POLISI Y'U RWANDA





Ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru, ku wa Kane tariki ya 10 Nyakanga, Komiseri ushinzwe Ibikorwa bya Polisi n'ituze rusange; Commissioner of police (CP) George Rumanzi, yakiriye mu izina ry'ubuyobozi bukuru bwa Polisi y'u Rwanda, itsinda ry'intumwa 18 zasuye u Rwanda ziturutse muri Uganda.

Ni itsinda rihagarariye ubuyobozi bw'Umujyi wa Kampala, umurwa mukuru w'igihugu (KCCA), rigizwe n'abagera kuri 18, bari mu rugendoshuri mu Rwanda, mu rwego rwo kwigira ku bikorerwa ahandi no kunoza imikorere yabo ya buri munsi.

CP George Rumanzi, yabasobanuriye uko u Rwanda ari igihugu gifite umutekano ugaragarira buri wese biturutse ku buyobozi bw'icyerekezo butanga umurongo ufatika wo guharanira ko abanyarwanda bakora imirimo yabo bizeye umutekano.

CP Rumanzi yagize ati: "Tugendeye ku cyerekezo igihugu cyacu gifite wo guharanira ko abanyarwanda n'abaturarwanda bakora ibikorwa byabo batekanye, twihutiye kuvugurura imikorere hibandwa ku gukumira impanuka zo mu muhanda binyuze mu bufatanye n'abaturage mu kwicungira umutekano hagamijwe kugabanya impanuka n' ibyaha muri rusange."

Yakomeje agira ati: "Benshi mu rubyiruko bagira uruhare mu gukumira ibyaha, aho kuri ubu

abarenga miliyoni ebyiri bagize ihuriro ry'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira no kurwanya ibyaha, hashinzwe kandi n'amatsinda yo kurwanya ibyaha cyane mu mashuri yisumbuye, hashyirwaho imboni z'impinduka zigizwe n'abanyuze mu bigo ngororamuco, ibyo byose bigaragaza ko umubare munini w'urubyiruko utagira uruhare mu byaha ahubwo wiyemeje guharanira umutekano w'igihugu na gahunda z'iterambere."

Uhagarariye itsinda John Mary Ssebuwufu yashimye Polisi y'u Rwanda uburyo bugezweho ikoresha mu gucunga umutekano wo mu muhanda, aboneraho kugaragaza ko ibyo babonye ari isomo rikomeye rishobora kuzabafasha mu kunoza imikorere mu mujyi wa Kampala ndetse n'ahandi mu gihugu cya Uganda.

Abitabiriye uru rugendoshuri bakomereje ku kigo cya Polisi y'u Rwanda gishinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge bw'ibinyabiziga (Automobile Inspection) giherereye i Remera mu Karere ka Gasabo.



# IMYAKA 25 Y'URUGENDO RWA POLISI Y'U RWANDA MU BUFATANYE N'ABATURAGE MU GUCUNGA UMUTEKANO




Raporo iheruka gukorwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'imiyoborere mu Rwanda (RGB), mu kwezi k'Ugushyingo 2024, igaragaza ko abaturage bafitiye icyizere Polisi y'u Rwanda  ku kigero cya 93.82 %, byerekana neza ko u Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu kubumbatira umutekano binyuze mu bufatanye bw'inzego z'umutekano n'abaturage, kubaka ubwiyunge n'imiyoborere ishingiye ku baturage.

Inzego z'umutekano zikomeje kuba umusingi w'iterambere mu miyoborere y'u Rwanda, zigaragaza uruhare rw'ingenzi amahoro n'umutekano bigira mu mu iterambere ry'ikitegererezo ku gihugu.

Kugirira icyizere inzego z'umutekano ni ikintu kitakunze kugaragara ku baturage mu mateka y'u Rwanda nk'uko bimeze uyu munsi, aho abagera kuri 94% bavuga ko bafitiye icyizere Polisi y'u Rwanda, kandi hafi 98% bishimiye gukorana na Polisi mu kubacungira umutekano aho batuye.

Abaturage bagera ku kigero cya 97.6% bavuga ko bishimiye serivisi bahabwa na Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zishinzwe umutekano mu gihe abagera kuri 87% banyuzwe n'uburyo umutekano wabo n'ibintu byabo ucunzwe.

Ubwo hashingwaga Polisi y'u Rwanda mu mwaka wa 2000, hatekerejwe icyakorwa kugira ngo umunyarwanda yongere yibone mu nzego z'umutekano n'uburyo umuturage yagira uruhare mu bimukorerwa by'umwihariko mu mutekano w'Igihugu cyane cyane ko utizana, ahubwo uharanirwa.



Munyancyuye Ramadhan, utuye mu Murenge wa Muhima mu Karere ka Nyarugenge, wahoze akoresha ibiyobyabwenge, avuga ko aho yari atuye hari mu ndiri y'ubujura n'ubundi bugizi bwa nabi, kuri ubu hakaba hari umutekano w'intangarugero.

Yagize ati: "Utaratuye ku Muhima ntushobora kumva impinduka zabayeho mu mutekano. Ni ahantu abantu bigeze gutinya kugenda no ku manywa ariko ubu ni urugero rwiza rw'igisobanuro cy'ubuyobozi bwiza bushyira imbere umutekano w'abaturage."

Munyancyuye akomeza agira ati: "Polisi yafashije benshi nanjye ndimo bari barabaswe no kwishora mu byaha no gukoresha ibiyobyabwenge. Twahawe amahugurwa yaduhinduriye ubuzima, bamwe bagira uruhare mu gucunga umutekano aho batuye, abandi bibahesha kwihangira imirimo. Nkanjye nkora ububaji kandi nahawe igishoro cyamfashije guhindura ubuzima no kwiteza imbere."

Umutekano ntushobora kugerwaho aho ari ho hose mu gihe hatabayeho Polisi ikora kinyamwuga, binyuze by'umwihariko mu mikoranire n'abaturage nk'inkingi yo gukumira no kurwanya ibyaha.

Umuyobozi w'ishami rya Polisi rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage, Assistant Commissioner of Police (ACP) Teddy Ruyenzi agaragaza ko iri shami ryashyizweho hashingiwe ku gitekerezo cyo kumva ko gukumira ibyaha bituruka ku kubaka icyizere n'ubufatanye n'abaturage, bizwi nka Community Policing.

Yagize ati: "Akazi ka Polisi ntikagarukira mu gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo gusa, ahubwo Polisi inagira uruhare mu bikorwa biteza imbere imibereho myiza y'umuturage ibinyujije muri iri shami rya Community Policing."



*ACP Teddy Ruyenzi, Komiseri w'Ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage yifatanya n'ingabo z'u Rwanda, urubyiruko rw'abakorerabushake n'abaturage mu muganda rusange ngarukakwezi*

Avuga ko kugeza ubu muri iyi myaka 25 ishize Polisi y'u Rwanda ishinzwe ndetse n'ishami rya community Policing ribayeho; hari byinshi bishimishije bimaze kugerwaho kandi nta kwirara urugendo ruracyakomeza.

Urugero rufatika ni aho muri gahunda iheruka y'ubufatanye n'ingabo z'u Rwanda, Polisi yagize uruhare mu kubaka inzu 70 zashyikirijwe imiryango itishoboye, kubaka no gutanga ingo mbonezamikurire (ECDs) 10 zashyizwemo n'ibikoresho, amateme 13, kandi hatangwa n'amatungo, ubwato n'amazi meza mu rwego rwo gufasha abaturage guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'amazi mu gihugu hose.

Ni ibitari bimenyerewe mu mateka y'u Rwanda, nk'uko byasobanuwe na Laurent Nkongoli, umunyamategeko wakoze no muri Leta wiboneye imbonankubone izi mpinduka.

Yagize ati:" Icyari Police communale mbere ya 1994, rwari urwego rwakoreraga mu makomine, rukorera mu mujyo wa Politiki yari iriho icyo gihe kuko yakoreshwaga na Leta mu gushyira mu bikorwa Politiki y'ivangura mu baturage rishingiye ku bwoko no ku karere, byaganishije igihugu kuri Jenoside





*Komiseri w'Ishami rya Polisi rishinzwe kurwanya ibikorwa by'iterabwoba CP Joseph Costa Habyara aha umwana amata mu rugo mbonezamikurire (ECD)*

yakorewe Abatutsi."
Yakomeje agira ati: "Polisi y'ubu itandukanyen'iyakera,igenderaku ihame rya 'Ndi Umunyarwanda', aho buri munyarwanda ndetse n'umunyamahanga uba mu Rwanda ayibonamo nta vangura iryo ariryo ryose."

Nkongoli yashimangiye ko ubwoba abaturage bagiriraga Polisi bwagiye bugabanuka ku buryo bugaragara, biturutse ku bufatanye bwiyongereye, kubaka icyizere n'ubufatanye bihinduka urufunguzo rw'umutekano usesuye igihugu gifite ubu.

Igitekerezo cye gishimangirwa na ACP (Rtd) Livin Habimana, umwe mu ba mbere binjiye muri Polisi y'u Rwanda nyuma y'urugamba rwo kubohora u Rwanda. Yinjiye mu 1995 kandi yibuka zimwe mu nzitizi inzego z'umutekano zihura nazo mu gutangira urugendo rwo kwiyubaka.

Yagize ati: "Muri icyo gihe, twari bacye cyane, kandi akazi kari gakomeye. Nta mwanya uhagije twagiraga wo guhura n'abaturage. Ariko nyuma y'igihe, urwego rwa Polisi rwaje guhinduka rugira imikorere ya kinyamwuga iha agaciro ubufatanye n'abaturage."

ACP (Rtd) Habimana yasobanuye ko icyo gihe mu mwaka wa 2000 Polisi y'u Rwanda ishingwa, binyuze mu guhuza abahoze ari abapolisi ba Komini, Jandarumori y'igihugu na Polisi Judiciaire, hibanzwe cyane ku kubaka icyizere, uruhare rw'abaturage, no gukemura ibibazo by'umutekano mu bufatanye n'abaturage.

Izi mbaraga zashyizeho urufatiro rw'Ingamba z'ubufatanye bwa Polisi n'abaturage, inzira ihamye yo gushimangira umutekano urambye, abaturage batabona nk'impano, ahubwo bakaba abafatanyabikorwa bakomeye mu kuwubaka.



# BA OFISIYE 45 BO MU NZEGO Z'UMUTEKANO BASOJE AMAHUGURWA




Ku wa Gatanu tariki 11 Nyakanga 2025, mu Ishuri rikuru rya Polisi (NPC) riherereye mu Karere ka Musanze, habereye umuhango wo gusoza amasomo y'amezi atanu yitabiriwe n'abagera kuri 45 baturutse mu nzego zishinzwe umutekano.
Abitabiriye aya mahugurwa bize amasomo atandukanye bakora n'urugendoshuri mu rwego rwo guhuza ubumenyi bigira mu masomo yo mu ishuri n'ibikorerwa mu kazi.

Ni amahugurwa y'icyiciro cya 12 agenerwa ba Ofisiye bato yerekeranye n'ubuyobozi, yitabiriwe n'abaturutse mu nzego zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko, barimo abo muri Polisi y'u Rwanda, Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) n' abo mu rwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS).



Umuhango wo gusoza aya mahugurwa wayobowe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi y'u Rwanda ushinzwe ubutegetsi n'abakozi (DIGP), DCG Jeanne Chantal Ujeneza washimiye abasoje amasomo ku muhate bagaragaje abasaba, kuzihatira gushyira mu bikorwa ibyo bigishijwe no gukora ibirenze ibyo bakoraga.

Yagize ati: "Imyitwarire n'ubumenyi mwungukiye muri aya mahugurwa mumazemo iminsi, bizabagirira akamaro cyane mu nzego mwaturutsemo n'ibigo musanzwe mukorera kuruta uko mwari musanzwe mubikora."

Yakomeje agira ati: "Aya mahugurwa ni intambwe ikomeye muteye ibaganisha ku iterambere ry'umwuga wanyu. Turi mu isi yugarijwe n'ibibazo by'umutekano mucye bigenda byiyongera umunsi ku wundi; kugira ngo twirinde ibyo bibazo ni uko inzego z'umutekano zikwiye kugira abayobozi bafite ubushishozi mu by'umutekano, bazi gutegura no kuzuza inshingano zabo uko bikwiye bafatanya n'abaturage."

DIGP Ujeneza yibukije abasoje amahugurwa ko ubuyobozi budashingiye gusa ku byubahiro, ahubwo bushingiye ku ndangagaciro zituranga nk'abanyarwanda, cyane cyane ko muri iki gihe Isi ikeneye abashinzwe umutekano mu ngeri zose bakoresha ubumenyi n'ubuhanga mu buryo bwa kinyamwuga kugira ngo bahangane n'ibyo bibazo ihura na byo.

Umuyobozi ushinzwe amasomo mu ishuri rikuru rya Polisi (NPC), ACP Augustin Ntaganira, yashimiye abasoje amahugurwa ku kinyabupfura, ubwitange n'ubushake bagaragaje mu gihe cyose bamaze biga, agaragaza ko hari icyizere cy'uko ibyo bize bizabafasha kurushaho kuzuza inshingano kinyamwuga.





# GERAYO AMAHORO: ABAKORESHA UMUHANDA BAKANGURIWE GUKOMEZA INGAMBA ZO GUKUMIRA IMPANUKA




Ubukangurambaga bw'umutekano wo mu muhanda 'Gerayo Amahoro' bwarakomeje ku wa Mbere tariki ya 14 Nyakanga, Polisi y'u Rwanda yibutsa abakoresha umuhanda by'umwihariko abanyamaguru gufata ingamba mu rwego rwo gukumira no kugabanya umubare munini w'abavutswa ubuzima bitewe n'impanuka zo mu muhanda

Ubu bukangurambaga bwabereye mu bice bitandukanye by'umujyi wa Kigali bwibanze cyane ku banyamaguru, bwari bukubiyemo ubutumwa bwo kubibutsa kwitwararika birinda uburangare n'amakosa ashobora kuba intandaro y'impanuka.

Umuvugizi w'Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu muhanda, Superintendent of Police (SP) Emmanuel Kayigi, yagarutse ku ngaruka zitandukanye ziterwa n'impanuka yibutsa abanyamaguru kuzirikana ko ari abafatanyabikorwa bakomeye mu gukumira impanuka, bityo bakaba bagomba kugira uruhare rugaragara mu guharanira umutekano wo mu muhanda.

Yagize ati: "Impanuka zigira ingaruka nyinshi k'uyikoze, umuryango we n'igihugu muri rusange. Abozidahitanye zibasigira ubumuga, zikabapfakaza, abandi zikabasiga ari imfubyi, zikanateza n'izindi ngaruka zirimo no gutakaza icyizere cy'ubuzima. Ni ngombwa ko buri wese yigenzura mu gihe ari mu muhanda, akirinda kuba yakora ikosa ryose ryaba intandaro y'impanuka."

SP Kayigi yakomeje avuga ko by'umwihariko abanyamaguru bibutswa kwirinda uburangare, kwambukira ahatemewe cyangwa bakambuka batabanje kwitegereza iburyo n'ibumoso niba nta kinyabiziga kiri hafi no kutagendera mu ruhande rw'iburyo bw'umuhanda kuko baba bateye umugongo ibinyabiziga byo mu cyerekezo barimo bikaba byabakururira impanuka bashoboraga kwirinda.




Ati: "Mu gihe ukoresha umuhanda ugenda n'amaguru, umutekano wawe ushingira ku mahitamo yawe. Koresha inzira nyabagendwa, witegereze ibimenyetso by'umuhanda, kandi ukomeze kuba maso. Ntukigere wibwira ko ufite umutekano usesuye gusa kubera ko uri mu kayira kagenewe abanyamaguru. Niba ugiye kwambuka umuhanda ukabona itara ririmo akamenyetso k'umunyamaguru ugenda ritukura, tegereza ibara ry'icyatsi, bitwara amasegonda macye, biroroshye kandi bishobora kurokora ubuzima."

Yashimangiye ko hazakomeza gushyirwa imbaraga mu gushishikariza abakoresha umuhanda kubahiriza amategeko y'umuhanda ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa, hagamijwe ko ubutumwa bwo kurwanya impanuka bugera kuri benshi kugira ngo nabo bagire uruhare mu kwirinda impanuka zishobora kubibasira n'ingaruka zazo.



# ABAPOLISI 240 BITEGURAGA KUJYA MU BUTUMWA BW'AMAHORO MURI SUDANI Y'EPFO BAHAWE IMPANURO



Ku wa Kabiri tariki ya 22 Nyakanga 2025, Umuyobozi Mukuru wa Polisi wungirije ushinzwe ubutegetsi n'abakozi (DIGP) DCG Jeanne Chantal Ujeneza yahaye impanuro abapolisi 240 biteguraga kujya mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Sudani y'Epfo (UNMISS).




Aba bapolisi bagize itsinda RWAFPU1-10, bayobowe na Assistant commissioner of Police (ACP) Corneille Murigo, basimbuye bagenzi babo bari basanzwe bakorera ahitwa Malakal mu Ntara ya Upper Nile, mu gihe kingana n'umwaka aho bafite inshingano zo gucungira umutekano abaturage bakuwe mu byabo n'intambara, abakozi b'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'ab'indi miryango mpuzamahanga ikorera muri icyo gihugu.

DIGP Ujeneza yabasabye kuzarangwa no gushyira imbere akazi bubahiriza inshingano zabo, kuba maso no gukurikiza inyigisho bahawe, kugira ngo babashe kugasohoza neza uko bikwiye.

Yagize ati: "Akazi mugiyemo ni akazi ko gucungira umutekano abaturage mubarinda kugiririrwa nabi no guhuguzwa ibyabo. Murasabwa kuzakoresha ibyo mwize no gufatanya n'abaturage mu bikorwa by'umutekano n'ibyo guteza imbere imibereho myiza yabo, mubana neza nabo kugira ngo babashe kubaha amakuru y'ibishobora guteza umutekano muke kuko biri mu bizabafasha kuzuza inshingano zanyu neza".

DIGP Ujeneza yabibukije kandi ko ikizabafasha mu kazi ari ukuba bari aho bagomba kuba mu gihe nyacyo, bagaragaza imyitwarire myiza no gukorera hamwe kandi imbaraga nyinshi bakazishyira mu gukora no gutanga urugero rwiza ku bandi.

Ati: "Mugiye gutanga umusanzu wanyu mu kubungabunga amahoro n'umutekano ku rwego mpuzamahanga, uko muzitwara nibyo bizatuma mugaruka mutewe ishema n'uko mwakoze mu kuzuza inshingano zanyu uko bikwiye."

Yasoje abasaba kuzakorera hamwe nk'ikipe, kubahana no gufashanya, kurangwa n'isuku no gufata neza ibikoresho bazifashisha mu kazi.



# ABAPOLISI BARENGA 170 BASOJE AMAHUGURWA AJYANYE NO KURINDA ITUZE RUSANGE NO GUHANGANA N'IBIHUNGABANYA UMUTEKANO MU MIJYI



Ku wa Gatatu tariki ya 23 Nyakanga, abapolisi 178 basoje amahugurwa ajyanye no guhosha imyigaragambyo n'ibikorwa bya Polisi byo guhangana n'abagizi ba nabi mu mijyi (Riot Control and Urban Operations Courses).

Ni amahugurwa yateguwe ku bufatanye n'Urwego rushinzwe umutekano w'imbere mu gihugu cya Qatar (Lekhwiya), yari amaze igihe kingana n'ibyumweru bitandatu abera mu Kigo cya Polisi gitangirwamo amahugurwa yo kurwanya iterabwoba (CTTC) giherereye i Mayange mu Karere ka Bugesera.

Umuhango wo gusoza aya mahugurwa ku mugaragaro wayobowe n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP), **CG Felix Namuhoranye**






wari kumwe n'uhagarariye Lekhwiya ya Qatar; Lt. Col Abdallah Ghanim Alghanim.

Yatanzwe mu byiciro bibiri bigizwe n'amasomo yo gucunga ituze rusange no guhosha imyigaragambyo n'amasomo ajyanye no kurwanya ibitero by'iterabwoba bibera mu magorofa yo mu mijyi, hagamijwe gufasha abayitabiriye kwagura ubumenyi n'ubushobozi, gukorera hamwe no kurushaho kunoza ubunyamwuga

IGP Namuhoranye yavuze ko gucunga ituze rusange no guhangana n'ibiteza umutekano muke mu mijyi biri mu by'ibanze bigize inshingano za Polisi.

Yagize ati: “Ubumenyi n'ubushobozi mu bya tekiniki zijyanye no kurwanya imvururu no kuburizamo ibitero by'abahungabanya umutekano wo mu mijyi ni iby'ingenzi mu nshingano zacu zo guhangana n'igishobora guhungabanya umutekano n'ituze rusange by'abantu n'ibyabo. Nishimiye ko mwakurikiye neza amasomo kandi mukaba mwiteguye gukorana ubunyamwuga no kwihesha agaciro.”

IGP Namuhoranye yashimye Lekhwiya ya Qatar ku nkunga itanga mu guteza imbere gahunda za Polisi y'u Rwanda zijyanye no kubaka ubushobozi no kwagura ubumenyi bw'abapolisi mu guhangana n'ibiteza umutekano muke.

Yashimiye abatanze amahugurwa ku bwitange, ubuhanga n'ubunararibonye bagaragaje mu gutegura abayitabiriye gutanga umusanzu wabo mu bikorwa bya Polisi kinyamwuga, ashimira n'abasoje amahugurwa kuba baritwaye neza, abasaba kuzashyira mu bikorwa ibyo bize barushaho kuzuza neza inshingano zabo.

Muri aya mahugurwa yombi hatanzwe amasomo aha abayitabiriye ubumenyi bw'ibanze mu bikorwa bya Polisi byo gucunga umutekano mu mijyi, guhosha imyigaragambyo, guhangana n'abitwaje intwaro mu misozi, ubuhanga bwo guca intege abagizi ba nabi, kurasa udahusha no guhangana n'abagizi ba nabi bihishe mu nyubako.

Aya mahugurwa kandi yagarutse ku bijyanye no guhuza ibikorwa byo gucunga umutekano byihariye n'imyitwarire iboneye, guhuza imikorere no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.





# KIGALI: HASOJWE AMAHUGURWA AJYANYE N'UBUVUZI BW'IMBWA ZIFASHISHWA MU GUCUNGA UMUTEKANO

Ku wa Gatanu tariki ya 25 Nyakanga, ku cyicaro cy'Ishami rya Polisi y'u Rwanda ryifashisha imbwa mu gucunga umutekano (Canine Brigade) giherereye i Masoro mu Karere ka Gasabo, habereye umuhango wo gusoza amahugurwa ajyanye n'ubuvuzi bwazo.

Ni amahugurwa yakozwe mu gihe cy'umwaka umwe, yateguwe ku bufatanye n'ibitaro bya New Vision Veterinary Hospital, yitabiriwe n'abo muri Polisi y'u Rwanda no mu ngabo z'u Rwanda (RDF).

Ubwo yasozaga aya mahugurwa, Komiseri ushinzwe amahugurwa muri Polisi, Assistant Commissioner of Police (ACP) Barthelemy Rugwizangoga, yavuze ko aya mahugurwa ari ingenzi mu kurushaho kubaka amahoro n'umutekano ari byo nkingi y'iterambere rirambye.

Yagize ati: "Inshingano za Polisi n'izindi nzego z'umutekano ni uguharanira ko igihugu kigira amahoro n'umutekano bifatwa nk'umusingi w'iterambere rirambye. Imbwa zifashishwa mu bikorwa by'umutekano ziza mu by'ibanze bikenerwa bityo aya amahugurwa ni indashyikirwa mu kurushaho kuzuza neza izo nshingano."

ACP Rugwizangoga yakomeje avuga ko Polisi y'u Rwanda ishyira imbere kubaka ubushobozi mu rwego rwo gutuma haboneka abapolisi bafite ubushobozi bwo gukora neza akazi kabo ka buri munsi by'umwihariko akazi kajyanye no kuvura amatungo gasaba ubumenyi n'ubushobozi bihagije, ubwitange no gukomeza kwihugura.

Yavuze ko hazakomeza gushyirwa imbaraga nyinshi mu kuzamura urwego rw'imikorere no gushyira mu bikorwa imishinga y'Ishami ryifashisha imbwa mu gucunga umutekano irimo; guteza imbere ivuriro ryazo, ubworozi n'amahugurwa yihariye y'abaveterineri.





ACP Rugwizangoga kandi yashimiye abafatanyabikorwa n'abarimu ku ruhare rwabo mu migendekere myiza y'amahugurwa, asaba abasoje amahugurwa kuzashyira mu bikorwa ibyo bungutse mu kunoza akazi kabo no gukomeza kwiyungura ubumenyi.

Muragijemariya Flora; Umuyobozi wa New Vision Veterinary Hospital, yavuze ko iyi gahunda y'amahugurwa ishingiye ku cyerekezo cyo kuzamura urwego rw'ubuvuzi muri Polisi y'u Rwanda binyuze mu Ishami ryifashisha imbwa mu gucunga umutekano, hatangwa ubumenyi, ubushobozi n'indangagaciro zikenewe mu guhangana n'inzitizi zishobora kugaragara mu migendekere myiza y'akazi gakorwa n'iri shami. Yashimiye Polisi y'u Rwanda ku bw'ubufatanye, avuga ko bazakomeza gushyigikira imikoranire igamije kongera ubunyamwuga n'ubunararibonye mu bijyanye n'ubuvuzi bw'amatungo magufi.

Dr. Ndayisenga Fabrice wari uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), yashimye Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bateguye aya amahugurwa, avuga ko akamaro kayo katagarukira kuri Polisi y'u Rwanda gusa ahubwo ari intambwe nziza ku gihugu muri rusange, ashimira abayasoje ku bwitange n'umurava, abasaba gukomeza gutekereza mu buryo bwagutse, gukorera hamwe no kuba intangarugero mu kwishakamo ibisubizo.







# ABAPOLISI BITABIRIYE IGIKORWA CYO GUTANGA AMARASO KU BUSHAKE YO KUZAFASHISHA ABARWAYI





Ku wa Gatanu tariki ya 25 Nyakanga, Abapolisi bakorera ku Cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru, bitabiriye igikorwa cyo gutanga amaraso ku bushake, azafashishwa abarwayi bayakeneye kwa muganga.

Ni igikorwa gitegurwa ku bufatanye bwa Polisi y'u Rwanda n'Ikigo cy'igihugu cyita ku buzima (RBC), kikaba kitabiriwe n'abakabakaba 100, bimwe mu bikubiye mu masezerano y'ubufatanye yashyizweho umukono hagati y'impande zombi.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police (ACP) Boniface Rutikanga, yavuze ko gutanga amaraso bikorwa nk'imwe mu nshingano yunganira izindi zishimangira uruhare rwa Polisi mu kurengera ubuzima no gufatanya n'abaturage.

Yagize ati: "**Iki si igikorwa gisanzwe, ni igihango cy'ubumuntu. Gutanga amaraso ni bumwe mu buryo butuje ariko bufite imbaraga zo gukiza ubuzima, kandi bikaba igikorwa abapolisi bakora mu rwego rwo kugirira akamaro abaturage bashinzwe gucungira umutekano no guharanira imibereho myiza yabo.**"

Yongeyeho ko ibikorwa nk'ibi bikorwa kenshi kandi bigaragaza indangagaciro za Polisi zishingiye ku gukorera abaturage no kubitaho, bikanagaragaza imikoranire myiza hagati ya Polisi y'u Rwanda n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima, mu rwego rwo gukomeza kuziba icyuho mu bubiko bw'amaraso.

Dr. Andre Munyemana ushinzwe isuzuma ry'abatanga amaraso mu Ishami rya RBC rishinzwe gutanga amaraso, yashimiye Polisi y'u Rwanda ku bufatanye buhoraho mu bikorwa bigamije kubona amaraso ahagije, cyane cyane mu bihe bikenerwamo amaraso menshi.

Dr. Munyemana yagize ati: "Amaraso ahora akenewe, kandi kugira abafatanyabikorwa nka Polisi bituma haboneka igisubizo bitewe n'uko abapolisi bitanga kenshi nk'urugero rwiza rw'ubuyobozi bukorera abaturage."

Yaboneyeho gushishikariza Abaturarwanda bose gufata gutanga amaraso nk'inshingano rusange, agaragaza ko hagikenewe ubwitabire bwisumbuyeho kandi buhoraho kuko nta muntu n'umwe uzi igihe, yaba we, cyangwa abe bashobora kuyakenerera, kandi hari igihe umurwayi ageramo ubuzima bwe bukaba bwarokorwa n'amaraso gusa.

# ABATWARA ABAGENZI KURI MOTO BASABWE KUGIRA URUHARE MU MUTEKANO WO MU MUHANDA




Polisi y'u Rwanda ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA), n'abandi bafatanyabikorwa, bagiranye inama n'abatwara abagenzi kuri moto mu Karere ka Gasabo.

Ni inama yabereye kuri sitade ya ULK mu murenge wa Gisozi, yitabiriwe n'abasaga 1000 bakorera muri aka karere no mu bindi bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali, hagamijwe kubibutsa uruhare rwabo mu kubumbatira umutekano wo mu muhanda n'imigendekere myiza y'akazi kabo ka buri munsi.

Umuyobozi wungirije w'Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu muhanda; Assistant Commissioner of Police (ACP) Fabien Musinguzi yavuze ko uruhare rw'abatwara abagenzi kuri moto rukenewe mu rwego rwo kurwanya impanuka no gukemura bimwe mu bibazo bahura nabyo.

Yagize ati: "**Turashaka ko mugaragaza ubufatanye n'imikoranire myiza kuko iyo abantu bakorera hamwe bafite umugambi umwe babasha kugera ku ntego y'icyo biyemeje. Gukorera hamwe nk'abafatanyabikorwa bizadufasha kwirinda amakosa yose ashobora kuba intandaro y'impanuka zo mu muhanda.**"



*Umuyobozi wungirije w'Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu muhanda; ACP Fabien Musinguzi*




ACP Musinguzi yababwiye ko umwuga w'ubumotari ari umwuga mwiza kandi utunze imiryango myinshi mu Rwanda ari nayo mpamvu bakwiye kuwukora bafite intego, bagatanga serivisi nziza ku babagana, bagira isuku, ubwishingizi, perimi, pulake zigaraga kandi bafite n'ibindi byangombwa byose babihuza no kwirinda amakosa yose yateza impanuka.

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo, Bwana Bernard Bayasese, yashimiye abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto, kuba bitabira gahunda z'ibikorwa rusange by'iterambere, abasaba gukomeza gufata neza ibikorwaremezo, kwimakaza imyitwarire yo kwirinda impanuka zo mu muhanda no kurangwa n'isuku birinda guta imyanda ahabonetse hose, ahubwo bakayishyira ahabugenewe.

Mutabazi Alexis, Umuyobozi w'imwe muri Koperative zikorera mu Karere ka Gasabo, yashimiye Polisi y'u Rwanda na RURA ku mikoranire myiza badahwema kubagaragariza, asaba bagenzi be kudapfusha ubusa aya mahirwe, bakarushaho kubahiriza ibyo basabwa mu rwego rwo kunoza imikorere no kwirinda impanuka.

# UMUTEKANO WO MUMUHANDA NI INSHINGANO ZA BURI WESE


# URUGENDO RWA POLISI Y'U RWANDA MU GUTEZA IMBERE IHAME RY'UBURINGANIRE MU MYAKA 25



Isi ya none yamaze gusobanukirwa uruhare rukomeye rw'umugore mu iterambere ry'igihugu, bitandukanye n'uko hambere babibeshyagaho bakabafata nk'abanyantege nke cyangwa bashinzwe imirimo yo mu rugo, mbese bakumva ko ntacyo bashobora uretse kubyara, amashuri n'imirimo ya Leta bakajya babyumva mu mateka.

Assistant Commissioner of Police (ACP) Rose Kampire umaze imyaka 19 mu mwuga wo gukanika indege muri Polisi y'u Rwanda, wagarutsweho kenshi mu itangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga, ni urugero rwiza ku bakobwa bakiri bato, bikaba indi ntambwe mu rugendo rukomeje mu Rwanda ruganisha ku guha ubushobozi abagore.

Si ukuba ACP Kampire yaranditse amateka adasanzwe gusa, ni n'urugero rukomeye rw'ibyo uburinganire n'ubwuzuzanye bushobora kugeraho mu gihugu kigendera ku ntego, uhereye mu kuba umunyeshuri wa siyansi wize amasomo y'imibare n'ubugenge.




*Kuri ACP Rose Kampire gukanika indege ni akazi ke ka buri munsi amazemo imyaka isaga 19, urugero rwiza rw'umusaruro wo kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.*

Biteye ishema kandi byongerera imbaraga abana b'abakobwa zo gukunda kwiga muri rusange kugira ngo bazabashe gutwara indege cyangwa kuba ba injiniyeri nk'uko urugendo rwe rushimangira ubushake bw'igihugu mu guha amahirwe abagore.

ACP Kampire agira ati: "Nyuma yo kurangiza amasomo ya siyansi mu mashuri yisumbuye ntsinze neza imibare n'ubugenge, nabonye buruse yo kwiga ibijyanye n'indege mu mahanga. Ayo mahirwe nahawe n'igihugu, nahisemo kuyakoresha ntanga umusanzu muri Polisi y'u Rwanda."

## Kongerera ubushobozi abapolisikazi

Bitewe n'icyerekezo cya Polisi y'u Rwanda ku bijyanye no kongerera ubushobozi abagore, kuri ubu abapolisikazi bagaragara mu myanya y'ubuyobozi, mu bikorwa byo kubungabunga amahoro, ba injiniyeri, abapilote, abaganga, impuguke mu by'amategeko n'indi myanya ifata ibyemezo bijyanye n'intambwe u Rwanda rumaze gutera ku buringanire mu mutekano atari ukuzamura umubare gusa, ahubwo no kubaka ubushobozi.

Police Constable (PC) Mukamuhoza Nadine, ukorera nu Ishami rishinzwe gutabara aho rukomeye (SIF), yagarutse ku buryo inshingano z'abapolisikazi zidatandukana n'iza basaza babo.
PC Mukamuhoza yagize ati: "Nkimara kwinjira mu kazi, nahise mbona ko ubushake ari bwo bwa mbere kugira ngo ubashe kugaragaza impano. Nubahiriza inshingano kimwe na bagenzi banjye b'igitsina gabo, haba mu kazi ndetse no mu mahugurwa."

Yakomeje agira ati: "Ndashishikariza bagenzi bacu; abahungu n'abakobwa kudatinya kuza mu kazi kwifatanya natwe gukorera igihugu cyacu mu kurengera ubuzima, kubungabunga umutekano, no kurinda abaturage. Ndashimira ubuyobozi bw'igihugu cyacu bukomeje guharanira uburinganire no guha amahirwe abagore."

ACP Kampire na PC Mukamuhoza, n'izindi ngero nyinshi zigenda zigaragara, zerekana uburyo muri Polisi y'u Rwanda uburinganire bugeze ku rwego rushimishije, bizamura isura y'u Rwanda ku isi yose, nk'ikitegererezo cyo guharanira uburinganire, atari mu nteko ishinga amategeko gusa, ahubwo no mu nzego zishinzwe umutekano.



*Ikipe y'Abapolisikazi yitabiriye amahugurwa yihariye mu Kigo cya Polisi cy'amahugurwa yo kurwanya iterabwoba (CTTC Mayange) mu Karere ka Bugesera*

## Abapolisikazi mu myanya y'ubuyobozi



Mu myaka 25 ishize, Polisi y'u Rwanda ishinzwe; iterambere ry'uburinganire muri uru rwego ririvugira ubwaryo, aho muri icyo gihe, abapolisi b'igitsinagore bari bake kandi hari amashami amwe n'amwe bahezwamo. Kuri ubu, iza mu myanya y'imbere mu kwimakaza uburinganire, bigaragaza impinduka ku mbaraga igihugu cy'u Rwanda cyashyize mu guha agaciro umugore.

Assistant Commissioner of Police (ACP) Teddy Ruyenzi, uyobora Ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage, yagarutse ku rugendo rwa Polisi mu iterambere ry'uburinganire.

Yagize ati: "**Polisi y'u Rwanda ishingwa mu mwaka wa 2000, yatangiranye abapolisikazi bari munsi ya 70, ni ukuvuga ku kigero cya 0, 5 %. Bakoraga imirimo nk'iya basaza babo ariko kubera ko bari bake wasangaga abenshi biganje mu ishami ry'ubugenzacyaha, bakaba abanyamabanga mu biro bya Polisi bitandukanye abandi bakaba abakozi muri ibyo biro.**"

Kuri ubu, abapolisikazi bageze kuri 24% by'abapolisi bose muri rusange. Ubu kandi hari Abakomiseri batatu b'abagore, ba Ofisiye bakuru barenga 50, ba ofisiye bato, ba su ofisiye n'abapolisi bato benshi bakorera mu mashami yose.

ACP Ruyenzi yakomeje agira ati: "Ubu kandi abapolisi b'abagore bayobora amashami ya Polisi arimo irishinzwe guhuza ibikorwa byayo n'abaturage ( Community Policing), ishami rifite mu nshingano ibiro bihuza ibikorwa by'urubyiruko rw'abakorerabushake bikorera muri Polisi y'u Rwanda (Youth Volunteers Coordination Office) n'Ikigo cy'icyitegererezo mu karere gishinzwe



*Abapolisikazi bari mu myanya y'ubuyobozi ni ikimenyetso cy'imbaraga zishyirwa mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye muri Polisi y'u Rwanda*

kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abagore n'abana (RCOE), kandi dufite umupolisi w'umugore muri umwe mu myanya yo hejuru; Umuyobozi mukuru wa Polisi wungirije (DIGP) ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DCG Jeanne Chantal Ujeneza."

Muri iki gihe abagore bakorera mu mashami yose ya Polisi y'u Rwanda, twavuga nk'irishinzwe umutekano wo mu muhanda, iryifashisha imbwa mu gucunga umutekano, irishinzwe umutekano wo mu mazi n'irishinzwe gutabara aho rukomeye, bikagira uruhare mu guhindura imyumvire no gutoza abakiri bato umurimo unoze, kuyobora no guharanira uburenganzira bwabo.

## Umusaruro w'ivugurura rijyanye no guteza imbere uburinganire

Umuyobozi ushinzwe guteza imbere ihame ry'uburinganire muri Polisi y'u Rwanda (Director of Gender Promotion), Superintendent of Police (SP) Ruth Mbabazi, avuga ko kugeza ubu ibintu byahindutse umubare w'abapolisikazi wiyongereye n'imikorere igahinduka.

Yagize ati: "Ubu turishimira byinshi tumaze kugeraho; kuba abapolisikazi bahabwa amahirwe angana n'abapolisi b'igitsinagabo mu bijyanye n'amahugurwa, guhabwa inshingano, gushyirwa mu myanya y'ubuyobozi ifatirwamo ibyemezo, kuba harashinzwe ishami rishinzwe guteza imbere ihame ry'uburinganire muri Polisi, kuba haragiyeho inama ihuza abapolisikazi (Women Police convention) iba buri mwaka, kuba umubare w'abapolisikazi wariyongereye no kuba hari abapolisikazi bazamuwe mu ntera bagahabwa inshingano."

Akomeza avuga kandi ko bishimira kuba abapolisikazi baremerewe gukorera hafi y'ingo zabo, kuba harashinzwe itsinda ry'abagore (RWAFPU) rijya mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Sudani y'Epfo (UNMISS) kandi riyoborwa n'umugore, kuba abapolisikazi bayobora amashami, kuba bemererwa gukora amahugurwa atandukanye no kuba bitabira ubutumwa bwo kubungabunga amahoro hirya no hino ku Isi.




*Ofisiye mukuru muri Polisi y'u Rwanda ahabwa umudali w'ishimwe mu butumwa bwo kubungabunga amahoro muri Sudani y'Epfo*

Nk'uko bigarukwaho n'abayobozi babo, bagaragaza ko uruhare rw'abagore mu mutekano ari ingenzi kandi rufite ishingiro rikomeye mu kubaka amahoro arambye mu muryango, mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Iyo bari mu bikorwa byo kugarura amahoro no kunga abafitanye amakimbirane usanga bafite ubushobozi bwo gutanga ibisubizo bihamye kuko bashyira imbere impuhwe, ubwumvikane n'ubunyamwuga, bakaza ku isonga mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kuko umugore ufite ijambo n'ubushobozi ahagararira neza abandi bagore bugarijwe naryo.

Mu myaka 25 ishize, urugendo rw'uburinganire muri Polisi y'u Rwanda ni urugero rwiza kw'isi rw'umusaruro uva mu kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bikagaragaza kandi ko umutekano urambye udashoboka hatabayeho uruhare rw'umugore.




*Abapolisikazi bakora inshingano zimwe n'iza basaza babo haba mu kazi no mu mahugurwa*




*Isibo y'abapolisikazi mu muhango wo gusoza amahugurwa ya ba ofisiye bato mu kigo cy'amahugurwa i Gishari mu Karere ka Rwamagana*

# ABARENGA 40 BASOJE AMAHUGURWA YA BA OFISIYE BATO I GISHARI



Ku wa Gatanu tariki ya 1 Kanama, mu Ishuri ry'amahugurwa rya Polisi (PTS) riherereye i Gishari mu Karere ka Rwamagana, habereye umuhango wo gusoza amahugurwa ya ba ofisiye bato 44 ajyanye n'ubunyamwuga n'ubuyobozi.

Abayitabiriye ni abaturutse mu nzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko zitandukanye mu Rwanda mu gihe kingana n'amezi atanu (5).

Harimo abapolisi 38 bo ku rwego rwa ba Ofisiye bato, babiri (2) bo mu rwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB), babiri bo mu rwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS) na babiri bo mu rwego rw'igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS).

Bize amasomo atandukanye arimo; imikorere y'akazi ka buri munsi, Ibikorwa byo gucunga umutekano, amasomo y'itumanaho, Ubuyobozi n'imicungire y'abakozi, ubugenzacyaha, ibijyanye n'ubushakashatsi, uburyo bwo guhangana n'ibibazo by'umutekano w'Igihugu, Ubutasi n'Imikoreshereze y'intwaro, bakora n'urugendoshuri mu rwego rwo guhuza ibyo bize n'ibikorerwa mu kazi ahantu hatandukanye.

Basuye ingoro y'amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, basura Igicumbi cy'intwari i Remera, Urwibutso rwa Jenoside rwa




Kigali n'ahandi.

Ubwo yasozaga aya mahugurwa ku mugaragaro, umuyobozi Mukuru wa Polisi Wungirije (DIGP) ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DCG Jeanne Chantal Ujeneza, yashimangiye akamaro k'amahugurwa ahoraho ahabwa ba Ofisiye bato.

Yagize ati: "Polisi y'u Rwanda yashyize imbere amahugurwa kuko ari yo nzira yo kubaka abapolisi bakora kinyamwuga. Nk'uko mubizi abapolisi bo ku rwego rwa ba ofisiye bato bagira inshingano



zitandukanye kandi nyinshi, rero no kubongerera ubumenyi ni ingenzi cyane."

Yakomeje ati: "Turizera ko amasomo mwahawe azabafasha mu kurushaho kunoza no gukora kinyamwuga akazi ka buri munsi ko gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo, kureba ko amategeko yubahirizwa no gukumira ibyaha cyane cyane dufatanya n'abaturage n'izindi nzego."

DIGP Ujeneza yasoje abasaba kuzashyira mu bikorwa ibyo bize birinda ruswa, ubusinzi gukoresha imbaraga z'umurengera n'ibindi bikorwa byose bihabanye n'indangagaciro za Polisi y'u Rwanda.



Umuyobozi w'Ishuri rya Polisi ry'amahugurwa, Commissioner of Police (CP) Robert Niyonshuti, yavuze ko mu gihe cy'ibyumweru 21 bamaze bahugurwa, bize amasomo atandukanye azabafasha kuzuza neza inshingano zabo.

Yagize ati: "Intego nyamukuru y'amahugurwa mumazemo iminsi ni ukubaha ubumenyi bwa ngombwa bukenewe ngo mwuzuze neza inshingano zo ku rwego rwanyu nk'abayobozi kugira ngo abo muyobora babigireho kandi bagendere mu murongo uhesha isura nziza akazi bakora, urwego ndetse n'igihugu muri rusange."

Yabashimiye umurava n'ubwitange bagaragaje mu gihe cy'amasomo, abasaba kuzakomeza kwihugura no gukoresha neza ubumenyi bungutse mu kazi ka buri munsi.

# ABANYESHURI BIGA MU KIGO CYA SAINT LOUIS ET ZÉLIE BASUYE POLISI Y'U RWANDA



Ku wa Kane tariki ya 14 Kanama, abanyeshuri biga mu kigo cy'amashuri cya Ecole Inclusive Saint Louis et Zélie giherereye mu murenge wa Gisozi mu Karere ka Gasabo, basuye amwe mu mashami ya Polisi y'u Rwanda akorera ku cyicaro gikuru, ku Kacyiru.

Ni mu rugendoshuri rwateguwe n'iki kigo hagamijwe gusobanukirwa imikorere y'ayo mashami n'inshingano za Polisi y'u Rwanda muri rusange.

Aba banyeshuri basaga 40 biga mu mashuri y'incuke n'amashuri abanza, baje baherekejwe n'abarezi babo, bakiriwe na Komiseri w'Ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage, Assistant Commissioner of Police (ACP) Teddy Ruyenzi, wabagejejeho muri rusange imikorere ya Polisi n'amashami yayo atandukanye.

ACP Ruyenzi yashimiye ubuyobozi bw'ishuri kuba bwarahisemo gusura Polisi y'u Rwanda kugira ngo abana bamenye kandi basobanukirwe inshingano zayo n'uburyo zishyirwa mu bikorwa.





Yagize ati: “Abana bavamo abarimu beza kuko nk’urugero, iyo bigishijwe gahunda ya Gerayo Amahoro bamenya uko bubahiriza ibyapa n’ibimenyetso byo mu muhanda bikabafasha kwirinda impanuka, ku bijyanye n’inkongi bakamenya uko bazirinda n’uko bazirwanya, kimwe n’ibindi bikorwa na Polisi hagamijwe umutekano w’abaturarwanda, bakabifata mu mutwe ndetse bakagenda babyigisha abandi bana, baba abo bigana, abo baturanye n’ababyeyi babo bityo ubutumwa bukagera henshi. Niyo mpamvu tuvuga ko abana ari abarimu beza bageza ubutumwa kuri benshi.”



Inyigisho bahawe zibanze by’umwihariko ku mikorere y’Ishami rya Polisi rishinzwe kurwanya inkongi n’ubutabazi, Ishami ryifashisha imbwa mu gucunga umutekano, n’Ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda, aho kuri buri shami beretswe imikorere yaryo n’ibikoresho byifashishwa mu gushyira mu bikorwa inshingano, banakoreshwa umwitozo wo kuzimya inkongi bifashishije ibizimyamuriro bitandukanye.



Ntakirutimana Jean Marie Vianney, uyobora iki kigo cy’ishuri, yashimiye uburyo bakiriwe na Polisi y’u Rwanda n’uburyo babafashije kunguka ubumenyi bwisumbuye ku bwo bari basanganywe.

Yagize ati: "Ikigo cyacu gifite abana barenga 200 ariko twazanye bake muri bo, mu rwego rwo kugira ngo muri iki gihe abana baba bari mu biruhuko duhindure aho bigira mu buryo bwo kubafasha kumenya imikorere ya Polisi y'u Rwanda."

Ntakirutimana yavuze ko abarezi n'abanyeshuri bashimishijwe n'inyigisho bahawe ashimangira ko ari ubw'ingenzi cyane bityo ko ubutaha bazazana abanyeshuri bose nabo bakamenya imikorere ya Polisi.








# URUBYIRUKO RW'ABANYESHURI RURAKANGURIRWA KWIRINDA IBIYOBYABWENGE NO KUGIRA URUHARE MU KUBIRWANYA



Polisi y'u Rwanda ku bufatanye n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu tariki ya 20 Kanama, yagiranye ikiganiro n'abanyeshuri bari mu biruhuko hagamijwe kubigisha ingaruka z'ibiyobyabwenge no kubakangurira kubyirinda banagira uruhare mu kubirwanya.
Ni inama yabereye mu nzu mberabyombi y'Umurenge wa Rusororo mu Karere ka Gasabo, yitabirwa n'ababanyeshuri basaga 300 bo muri uyu murenge, hagarukwa ku bibazo abanyeshuri bahura nabyo mu gihe cy'ibiruhuko.
Umuyobozi w'Ishami rya Polisi rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage; Assistant Commissioner of Police (ACP) Teddy Ruyenzi, yabibukije ko ibiruhuko ari umwanya mwiza wo gufasha ababyeyi imirimo, birinda ibigare bibashora mu ngeso mbi no kwishora mu byaha nko gukoresha ibiyobyabwenge n'ibindi.

Yagize ati:"Ubuzima bwanyu buri mu maboko yanyu mbere y'undi uwo ari we wese. Mukwiye kwirinda no kurwanya ikintu cyose gishobora kwangiza ahazaza hanyu cyane cyane ibiyobyabwenge nk'Urumogi n'ibindi."



ACP Ruyenzi yakomeje asobanura ko ibyaha bikorwa n'abanyoye ibiyobyabwenge biteza umutekano muke, abasaba kujya batangira amakuru ku gihe ku bo babonye banywa, batunda n'abacuruza ibiyobyabwenge kimwe n'abakora ibindi byaha aho biva bikagera.
Niwemwungeri Joseph nk'umwe mu rubyiruko wahoze akoresha ibiyobyabwenge, yatanze ubuhamya bw'ingaruka yahuye nazo zibikomokaho zirimo no kuba byaramwangirije ejo hazaza he.
Yagize ati: "Njye mureba imbere yanyu nakoreshaga ibiyobyabwenge cyane cyane Mugo, Kanyanga, Urumogi n'ibindi, mbese nta cyitwa ikiyobyabwenge nakatiraga. Nta terambere nigeze ngeraho nk'abandi kuko nahoraga nshakisha amafaranga yo kubigura bitewe n'uko aribyo byiberaga mu bitekerezo byanjye. Nyuma naje gufatwa njyanwa mu kigo ngororamuco cya Iwawa, mpigira byishi birimo uburere mboneragihugu, mbasha gusobanukirwa n'ingaruka

z'ibiyobyabyabwenge, na n'ubu nkaba nkibona ingaruka zabyo kuko abo tungana batabyijanditsemo nibo bampa ibiraka kandi narabarushaga mu ishuri."

Niwemwungeri yaboneyeho gushishikariza abanyeshuri n'urundi rubyiruko kugendera kure ibiyobyabwenge kuko ari intandadaro y'ubukene, gucikiriza amashuri, gufungwa n'ibindi bibi byinshi bibishamikiyeho haba ku babikoresha, imiryango yabo ndetse n'igihugu muri rusange.



## KIGALI: ABAGIZE URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE BASHIMIWE URUHARE RWABO MU KWICUNGIRA UMUTEKANO N'ITERAMBERE

Kuva ku wa Mbere tariki ya 25 kugeza ku wa Gatanu tariki 29 Kanama, Abahagarariye abandi mu ihuriro ry'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha (RYVCP) mu Mujyi wa Kigali, bateraniye hamwe mu Karere ka Kicukiro, aho bari bitabiriye amahugurwa ku bijyanye n'iterambere, kwicungira umutekano no gutangira amakuru ku gihe.

Aya mahugurwa y'iminsi itanu (5) yateguwe ku bufatanye bwa Polisi y'u Rwanda n'Umujyi wa Kigali, ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ubukorerabushake, Inkingi yo kwigira', yitabiriwe n'abasaga 390 bo mu turere twa Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge. Kuri uyu wa Gatatu tariki ya 27 Kanama, bahawe ibiganiro bitandukanye birimo ibijyanye n'indangagaciro na Kirazira ndetse n'imyitwarire ikwiye kuranga urubyiruko rw'abakorerabushake mu gihe bari mu nshingano zijyanye n'umutekano n'ibikorwa bigamije iterambere.

Umuyobozi wungirije w'Umujyi wa Kigali, ushinzwe imibereho Myiza n'Iterambere by'abaturage, Madamu Martine Urujeni, yabashimiye kuba barahisemo kuba abakorerabushake,



abasaba ko ibyo bigiye muri aya mahugurwa bazabyigisha aho batuye mu miryango yabo ndetse no mu gihugu hose.

Yagize ati: "Ibikorwa byanyu nk'Urubyiruko rw'abakorerabushake birivugira

ubwabyo kandi turabibashimira. Turabasaba gukomeza gushyiramo imbaraga murushaho kuba abafatanyabikorwa beza by'umwihariko mu gihe u Rwanda ruzaba rwakira Irushanwa Mpuzamahanga ry'amagare ku isi (UCI)."

Ubwo yaganirizaga uru rubyiruko Komiseri wa Polisi Uyobora ishami rishinzwe Umutekano w'Ibikorwaremezo n'Ibigo by'abikorera bitanga Serivisi z'Umutekano, Commissioner of Police (CP) John Bosco Kabera, yavuze ko urubyiruko ari imbaraga z'igihugu kandi zubaka, abashishikariza kuzikoresha neza uko bikwiye kuko ari bwo zizana iterambere.

Yagize ati: "Murabizi ko urubyiruko ari mwe mbaraga z'igihugu kandi zubaka, gusa iyo izo mbaraga zikoreshejwe nabi zirasenya, niyo mpamvu tubasaba kwita ku iterambere ariko munibuka ko mufite inshingano ikomeye yo guhangana n'abashaka guhungabanya umutekano w'igihugu cyacu".

CP Kabera yabamenyesheje ko Polisi ibashimira imyaka ishize bari mu bikorwa byo kwitanga birimo n'ibyo bakoze bigisha abaturage uko bakoresha umuhanda ndetse n'uruhare bagira mu gukangurira abanyarwanda gukumira ibyaha, kurwanya ibiyobyabwenge ndetse no mu bikorwa biteza imbere imibereho myiza y'abaturage batishoboye.








*Murabizi ko urubyiruko ari mwe mbaraga z'igihugu kandi zubaka, gusa iyo izo mbaraga zikoreshejwe nabi zirasenya, niyo mpamvu tubasaba kwita ku iterambere ariko munibuka ko mufite inshingano ikomeye yo guhangana n'abashaka guhungabanya umutekano w'igihugu cyacu - CP John Bosco KABERA*

# IBIGO BY'ABIKORERA BITANGA SERIVISI Z'UMUTEKANO BIRASABWA KONGERA UBUNYAMWUGA N'IHAME RY'UMURIMO UNOZE



Ku wa Kane, tariki ya 28 Kanama, ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru, Polisi y'u Rwanda ku bufatanye na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA), bagiranye inama n'abayobozi b'ibigo byigenga bitanga serivisi z'umutekano hagamijwe kurebera hamwe uko bakomeza kuzuza inshingano zabo kinyamwuga no gukorera mu mucyo.

Iyi nama yibanze ku kongera imbaraga mu kwimakaza imikorere inoze, kugendera ku rwego igihugu kigezeho mu bijyanye n'umurimo, no kunoza serivisi zitangirwa mu rwego rw'abashinzwe umutekano bikorera.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umurimo; Gaspard Musonera yasabye ibi bigo gukora igenzura rihoraho ry'imikorere yabyo, kugira ngo barebe niba ibyo bakora bijyana n'ibipimo by'umurimo usobanutse kandi utanga umusaruro.

Yabibukije kandi ibisabwa bya ngombwa birimo gukoresha abakozi bahuguwe, gutanga amasezerano y'akazi yanditse, kwishyura abakozi binyuze kuri konti zabo muri banki, gutanga umusanzu w'ubwiteganyirize, kubaha ubwisungane mu kwivuza, ndetse no kugenzura amasaha y'akazi, ibiruhuko, ibikoresho by'akazi n'ibindi.

Yashimangiye ko ari ingenzi kugira ngo uburenganzira bw'umukozi burindwe kandi serivisi zitangwe kinyamwuga.



Yagize ati: "Tubaha icyizere kugira ngo mwuzuze neza inshingano mufite. Umutekano ni urwego rwihariye kandi rugomba kwitabwaho, bityo mukwiye kuwufata nk'inshingano ikomeye kandi mukawitangira."



Umuyobozi w'Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano w' ibikorwaremezo n'ibigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano (ISPSP), Commissioner of Police (CP) John Bosco Kabera, yasabye abayobozi b'ibigo kumenya neza uburemere bw'inshingano bifite mu gucunga umutekano.

CP Kabera yagize ati "Mukwiriye gusobanukirwa uburemere bw'inshingano mufite. Kwisanisha n'aho u Rwanda rugeze bizababafasha kubona no kuziba icyuho gihari kugira ngo mwuzuze neza ibisabwa."



CP Kabera yakomeje avuga ko ibigo bigomba guha ubufasha bwose bukenewe abakozi babyo agira ati: "Iyo ubu bufasha bubuze, bigaragarira mu mikorere yabo no muri serivisi batanga."

Perezida w'Ihuriro ry'Ibigo byigenga bitanga Serivisi z'Umutekano, Alexis Buterere, yashimiye Polisi y'u Rwanda ku bufasha n'inama ikomeje kubaha zo kubayobora, anemeza ko ahabonetse ibitagenda neza bigiye gukosorwa.

Kuri ubu mu Rwanda habarizwa ibigo by'abikorera 16 na Koperative 75 bitanga serivisi zo gucunga umutekano bikoresha abakozi 29,830.



# CTTC MAYANGE KU RUHEMBE MU GUTANGA AMAHUGURWA KABUHARIWE YO KURWANYA ITERABWOBA



*Abarwanyi b'umutwe w'iterabwoba wa Ansar al-Sunnah muri Mozambique bahinda umushyitsi iyo bumvise inzego z'umutekano z'u Rwanda (Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda). Bazi neza uburyo izi nzego zivugutira umuti usharira ibikorwa byabo by' iterabwoba ku buryo butagereranywa n'ahandi aho ari ho hose."*

Mu myaka 20 ishize, amateka y'Isi agaragaza ko habayeho ubwiyongere bukabije bw'ibitero by'iterabwoba, byibasiye ibihugu bitandukanye hirya no hino ku Isi, aho abaturage bagizweho ingaruka zikomeye nabyo, zirimo guhungabana k'umutekano, kwicwa urubozo, gufatwa bugwate, kubibwamo ubwoba n'ibindi bitandukanye.

Biturutse ku buyobozi bw'igihugu bushyira imbere umutekano, u Rwanda rwiteguye mbere mu rwego rwo gukumira ibitero by'iterabwoba n'ingaruka zabyo ku baturage barwo.

Polisi y'u Rwanda ni rumwe mu nzego z'umutekano zihatiye kubaka ubushobozi bwihariye bujyanye no kurwanya iterabwoba. Mu ngamba zafashwe n'uru rwego, ku ikubitiro hashinzwe ikigo cyihariye gishinzwe gutanga amahugurwa yo kurwanya iterabwoba. Nguko uko ikigo cy'amahugurwa yo kurwanya iterabwoba (Counterterrorism Training Center-CTTC) cya Mayange cyavutse.

Iki kigo giherereye mu Karere ka Bugesera cyashinzwe mu mwaka wa 2013, gihabwa inshingano zo guhugura abapolisi, kibubakamo ubushobozi n'ubuhanga buhanitse bwo gukumira no kurwanya iterabwoba mu buryo bwose.

Ubwo cyashingwaga, iki kigo cyibanze ku gutanga amahugurwa yo mu rwego rwo hejuru ajyanye n'ibikorwa byihariye byo kurwanya iterabwoba, guha abapolisi ubumenyi, tekiniki n'ubushobozi budasanzwe mu bikorwa byo gucunga umutekano kugira ngo babashe guhangana n'ibibazo by'umutekano by'inzaduka ndetse n'iterabwoba.



*Abitabiriye amahugurwa yo kurwanya iterabwoba mu myitozo yo kumanukira ku mugozi mu magorofa maremare, aho baba biteguye gukora ubutabazi ku bafashwe bugwate n'ibyihebe no guhangana n'ibitero by'iterabwoba*

Ikigo cya CTTC Mayange, kimaze gushingwa cyatangije amahugurwa yitabiriwe n'abagera kuri 300 batozwaga n'abarimu 60.

Kugeza ubu kimaze gutanga impamyabushobozi ku bapolisi 3832 cyatoje mu bijyanye n'amahugurwa yo kurwanya iterabwoba kandi cyaguye gahunda z'ibikorwa byacyo mu byiciro bitatu by'amahugurwa, ari byo; icyiciro cy'amahugurwa adasanzwe (Special Force Wing), amahugurwa yo kurwanya iterabwoba n'iperereza (Counterterrorism and Intelligence Wing), hamwe n'amasomo yihariye yo kongera ubunyamwuga (Specialized and Career Courses Wing).

Gahunda y'amahugurwa atangirwa muri iki kigo amara hagati y'amezi kuva kuri atatu kugeza kuri atandatu, yibanda ku masomo yihariye agendanye no guhangana n'ibikorwa by'iterabwoba. Ugereranyije n'igihe iki kigo cyashingwaga cyakomeje kubaka ubushobozi ku buryo kuri ubu gishobora kwakira abanyeshuri barenga 2000 icyarimwe.

Gifite ibyumba by'amashuri bigezweho bitangirwamo amahugurwa, amacumbi, ibikoresho byifashishwa mu mahugurwa bijyanye n'igihe hamwe n'ahabera imikino n'imyidagaduro bifasha abitabira amahugurwa mu kwagura ubumenyi no kuruhuka.

Umusaruro w'ibikorwa by'Ikigo CTTC Mayange urenga n'imbibi z'u Rwanda. Ubu ku bufatanye



*Mu mahugurwa bahabwa harimo n'imyitozo yo guhangana n'abagizi ba nabi mu duce tugoye turimo n'amazi magari. Aha barerekana ubuhanga buhanitse bwo kumanukira ku migozi bava mu ndege hejuru y'ikiyaga bagiye gukora ubutabazi no guhangana n'ibitero by'iterabwoba*

n'inzego zitandukanye zo mu bihugu byo mu Karere no hanze yako, hoherezwa abo muri izo nzego gukurikira amahugurwa gitanga, urugero rwa vuba ni nka Repubulika ya Santrafurika na Sudani y'Epfo.

Kuri ubu, abapolisi bagera ku 2000, barimo ab'u Rwanda ndetse n'abo mu bindi bihugu, bari mu mahugurwa arimo gutangirwa muri iki kigo.

Nk'uko ubuyobozi bw'ikigo bubitangaza, hibandwa cyane ku myitozo ngiro, gukoresha ikoranabuhanga rigezweho hamwe n'amayeri akoreshwa mu bikorwa byo gucunga umutekano, byose bigamije kurinda umutekano w'igihugu no kugira uruhare mu kubungabunga ituze n'umutekano mu karere.

Umuyobozi w'agateganyo w'ikigo cya Polisi gitanga amahugurwa yo kurwanya iterabwoba, Assistant Commissioner of Police (ACP) Méthode Munyaneza, yabisobanuye agira ati: "Mu bihe biri imbere CTTC Mayange irateganya kurushaho kwagura gahunda zayo, kongera ibikorwaremezo, no kuzamura ireme ry'imyigishirize."

ACP Munyaneza avuga ko ikigamijwe mbere na mbere, ari ugutoza abapolisi basanzwe bafite ubumenyi bw'ibanze bakongererwa ubushobozi mu by'ubuhanga bwo guhangana n'ibitero by'iterabwoba.

Inspector of Police (IP) Godfrey Muzungu, ni umwe mu bapolisi bakoresheje imyitozo bahawe muri iki kigo mu bikorwa nyirizina, kuko yari mu itsinda rya mbere ry'inzego z'umutekano z'u Rwanda zoherejwe muri Mozambique. Aragaruka ku ruhare rw'iyi myitozo mu kubategura guhangana n'ibikorwa by'iterabwoba by'abarwanyi b'umutwe wa Ansar al-Sunnah, wari warayogoje intara ya Cabo Delgado, mu Majyaruguru y'igihugu.



*Amahugurwa atangirwa mu Kigo CTTC Mayange aha abapolisi ubumenyi bubatyaza mu bijyanye n'ibikorwa byo gukumira no kurwanya iterabwoba*

Yagize ati: "Nitabiriye amahugurwa y'ibikorwa byihariye yamaze umwaka abera mu Kigo cya Polisi gitanga amahugurwa yo kurwanya iterabwoba 'CTTC Mayange' kuva mu mwaka wa 2021 kugeza 2022, mbere y'uko twoherezwa muri Mozambique mu bikorwa byo kurwanya ibitero by'iterabwoba mu Ntara ya Cabo Delgado."

Yakomeje agira ati: "Ni imyitozo yaduhaye ubumenyi buhanitse mu bijyanye no gukoresha intwaro, gutinyuka, amayeri yo guhangana n'abagizi ba nabi ndetse n'imyitozo yo kumanuka mu ndege no mu nyubako ndende byadufashije guhangana n'abo mu mutwe w'iterabwoba aho babaga bihishe hose. Ibi byose byadushoboje gukora akazi neza no kuzuza inshingano twari twahawe mu gihe twamaze dukorera muri Mozambique.

Mu isi ya none aho usanga ibikorwa by'iterabwoba bigaragara mu bihugu bitandukanye, Ikigo cya Polisi gitanga amahugurwa yo guhangana naryo 'CTTC Mayange' kiri ku ruhembe mu gukaza imyiteguro, guhamya ingamba n'ubufatanye bigamije guhangana n'ibitero by'iterabwoba, nk'ikimenyetso simusiga cyerekana ko bishoboka; ubumenyi n'ubushobozi gitanga, imikoranire n'ubufatanye bw'akarere biramutse bishyizwe mu bikorwa uko bikwiye.

Ibikorwa bya CTTC Mayange ntabwo bigarukira mu mahugurwa n'imyitozo gusa. Ni kimwe mu bigo mu Rwanda; bitoza abashinzwe umutekano bafite ubumenyi bw'ibanze, bagahabwa ubumenyi n'ubushobozi buhanitse bwo guhangana n'ibihungabanya umutekano, aho mu gihe mu karere iterabwoba ryakomeje kugenda rifata intera, u Rwanda rwerekanye ko gukaza imyiteguro ari yo ntwaro ikomeye yo guhangana naryo.




*Abapolisi b'u Rwanda barimo n'ababa barasoje amahugurwa yo kurwanya iterabwoba mu kigo cya CTTC Mayange mu kazi kabo ka buri munsi mu bikorwa bakora muri Mozambique harimo n'amarondo ahoraho (routine patrols) muri gahunda y'ubufatanye bw'ibihugu byombi yo kurwanya ibihungabanya umutekano*

# POLISI IRAKANGURIRA ABATWARA IBINYABIZIGA KUBAHIRIZA AMABWIRIZA AJYANYE N'IMIKORESHEREZE Y'UMUHANDA MU MASANGANO



Ku wa Gatandatu tariki ya 6 Nzeri, Polisi y'u Rwanda ku bufatanye na Minisiteri y'ibikorwaremezo n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'ubwikorezi (RTDA) batangije ubukangurambaga bw'umutekano wo mu muhanda bugamije gusobanurira abakoresha umuhanda kubahiriza imirongo y'umuhondo inyuranamo izwi nka 'Yellow Box' mu rurimi rw'icyongereza ishyirwa mu masangano y'imihanda, n'ikoranabuhanga ryifashishwa mu kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga umuhanda.

Ni ubukangurambaga bwabereye mu masangano yo ku Gishushu, mu Karere ka Gasabo, bwitabiriwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye barimo Minisitiri w'ibikorwaremezo, Dr. Jimmy Gasore, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP), CG Felix Namuhoranye n'Intumwa yihariye y'Umuryango w'Abibumbye (UN) ku bijyanye n'umutekano wo mu muhanda; Jean Todt.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police (ACP) Boniface Rutikanga, yasobanuye ko ubu ari uburyo bwo gushyira mu bikorwa icyo amategeko ateganya ku masangano y'imihanda.

Yagize ati: "Imirongo y'ibara ry'umuhondo ishushanywa mu masangano y'imihanda isobanura ko nta kinyabiziga cyemerewe kuhahagarara igihe icyo ari cyo cyose nk'uko itegeko rigenga imikoreshereze y'umuhanda ribiteganya."

Iteka rya Perezida no 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo, mu ngingo yaryo ya 16, rivuga ko umuyobozi wese ugeze mu masangano; aho ibinyabiziga biyoborwa n'ibimenyetso by'umuriro agomba kuva muri iryo sangano adategereje ko kugenda mu cyerekezo aganamo byemerwa, ariko akabikora ku buryo atabera inkomyi ibindi binyabiziga bigana mu cyerekezo cyemerewe kugendwamo.

ACP Rutikanga yakomeje ati: "Iyi mirongo rero ni ikimenyetso cyongera kwibutsa abatwaye ibinyabiziga bose, ko igihe cyose bagomba kurindira, bakanyuramo bakomeza ari uko babonye hakurya ibindi binyabiziga byatangiye kugenda."
Yavuze kandi ko iyi mirongo ituma hatabaho akajagari mu muhanda gaturutse ku kuba ibinyabiziga byafunga inzira ihuza ibyerekezo bitandukanye by'umuhanda.

Ati: "Icyo imaze ni ukugira ngo igihe cyose ibinyabiziga birindiriye gutambuka iyo amatara abuza gutambuka yaka cyangwa hari impamvu zatumye bihagarara, mu masangano hagume nta kinyabiziga kirimo kandi iyo ibinyabiziga byo mu ruhande rujya mu cyerekezo kimwe byahagaze bituma ibindi binyabiziga bikomeza nta nkomyi, bikabuza abaza guhagararamo hagati ngo bafunge ibinyabiziga biva mu byerekezo byombi."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda yashimangiye ko uretse Rwandex no ku Gishushu hamaze gushyirwa iyi mirongo, bizakomereza no mu yindi mihanda, ashishikariza abatwara ibinyabiziga kuyubahiriza kimwe n'andi mategeko y'umuhanda kuko ababirengaho bamenyekana hakoreshejwe camera zifashishwa mu kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko y'umuhanda zo mu masangano.
Ubu bukangurambaga bwateguwe muri gahunda ya Polisi yagutse ijyanye no guhuza ikoranabuhanga n'ibikorwaremezo no kubimenyekanisha kugira ngo abakoresha umuhanda basobanukirwe uburyo bikora hagamijwe kurushaho kunoza imigendere myiza yo mu muhanda.





Bugamije gusobanura impamvu zo gushushanya imirongo ya Yellow Box mu masangano n'akamaro kayo ku mikoreshereze myiza y'umuhanda, n'uburyo kwifashisha ikoranabuhanga bigira uruhare mu kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza agenga umuhanda.



# ABAPOLISI 24 BASOJE AMAHUGURWA YIHARIYE MU BIJYANYE NO GUKORESHA INTWARO

Ku wa Kabiri tariki ya 9 Nzeri, mu Kigo gitangirwamo amahugurwa yo kurwanya iterabwoba (Counter Terrorism Center-CTTC) giherereye i Mayange mu Karere ka Bugesera, habereye umuhango wo gusoza amahugurwa yihariye ahabwa abapolisi mu bijyanye no gukoresha intwaro n'amayeri yo guhangana n'ibihungabanya umutekano (SWAT Course).

Ni amahugurwa y'icyiciro cya 5, yitabiriwe n'abagera kuri 24 mu gihe cy'amezi atatu (3), bize amasomo atandukanye arimo imyitozo ikomeza umubiri (physical fitness), kumasha no guhamya intego (skills at arms), amayeri y'urugamba (tactics), kunyura mu nzitane (obstacle course) no guhangana n'abahungabanya umutekano ahantu hatuwe (combat in built up areas).

Ubwo yasozaga amahugurwa ku mugaragaro; Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP), CG Felix Namuhoranye yashimiye abasoje amahugurwa ku bw'umwete, umurava na disipuline byabaranze mu gihe cy' imyitozo, abasaba gukomeza kurangwa n'umuhate mu rwego rwo kuzuza neza inshingano kinyamwuga.







Yagize ati: "Turabashimira kuba musoje amahugurwa ariko murasabwa kutirara kuko muracyafite igihe cyo gukomeza kwihugura, guhamya intego no kurushaho kuzamura urwego kugira ngo muzakomeze guhesha ishema Polisi y'u Rwanda n'igihugu muri rusange aho muzaba mukorera hose haba mu kazi ndetse no mu marushanwa aho musabwa kugaragaza ubumenyi n'ubushobozi mwungukiye muri aya mahugurwa."

IGP Namuhoranye kandi yabibukije kuzakorana neza na bagenzi babo basoje aya mahugurwa mu byiciro byabanje, ashimira n'abarimu babahuguye yizeza ko ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda buzakomeza gushyigikira ikigo kugira ngo amahugurwa ahatangirwa kimwe no mu bindi bigo bya Polisi by'amahugurwa akomeze kugenda neza.



Aya mahugurwa ahabwa abapolisi basanzwe bafite ubumenyi bw'ibanze mu bijyanye no gukoresha intwaro, aho abayitabiriye bayasoza bafite ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa inshingano zose bahabwa zo kurinda umutekano w'abantu n'ibyabo, bakoresheje intwaro zidasanzwe, mu buryo budasanzwe kandi no mu bihe bigoye, bakabikora kinyamwuga bubahiriza uburenganzira bwa muntu.











# UBUSHOBOZI BUHAGIJE BURAHARI, ABAKORA IBYAHA NK'IBI NTA BWIHISHO BAFITE MU RWANDA-ACP RUTIKANGA



Ku wa Gatandatu, tariki ya 13 Nzeri, Polisi yagaragaje abantu batatu bari hagati y'imyaka 33 na 40, bakekwaho kwiba no gukomeretsa umugore bakoresheje umuhoro, byabereye mu karere ka Nyarugenge, mu ijoro ryo ku wa Kane tariki ya 11 Nzeri.
Ni nyuma y'uko ubwo bugizi bwa nabi mu mashusho yatambutse ku mbuga nkoranyambaga, abafashwe bagaragaye mu bikorwa byo gukubita, gutemesha umuhoro no kwambura agakapu na telefone; umugore wavaga mu kazi ku Kimisagara yerekeza iwe mu kagari ka Rwampara, mu murenge wa Nyarugenge.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru, Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda; Assistant Commissioner of Police (ACP) Boniface Rutikanga yavuze ko aba bombi bagaragaye mu mashusho batema umugore wari uryamye iruhande rw'umuhanda, nyuma yo kumwambura ibyo yari afite, hanyuma abagenzi bari mu modoka hafi yaho bakavuza amahoni bakiruka.

Mu bakomeretse; hari kandi ukora akazi k'irondo ry'umwuga watemwe agerageza gutabara, bombi bahise bajyanwa kwa muganga bitabwaho n'inzego




z'ubuzima.

ACP Rutikanga, yashimangiye ko Polisi ifite ubushobozi buhanitse bwo gufata abakoze ibyaha nk'ibi, iri maso kandi yiteguye kurinda abaturage.




> *Polisi ifite ubushobozi buhanitse bwo gufata abakoze ibyaha nk'ibi, iri maso kandi yiteguye kurinda abaturage- ACP Boniface RUTIKANGA*

Yagize ati: “Iperereza rirakomeje kugira ngo tubone amakuru yisumbuye kuri iki gikorwa cy'ubugizi bwa nabi. Polisi iri maso kandi ihari ku bw'umutekano w'Abanyarwanda. Turabamara impungenge ko ubushobozi buhari buhagije, abakora ibyaha nk'ibi nta bwihisho bafite kandi tunashimira ubufatanye bw'abaturage kuko ari ingenzi mu kurwanya ibyaha.”

Yashimiye abatanze amakuru bafashije mu gutahura abakekwa by'umwihariko uwafashe amashusho y'icyaha akamenyesha inzego z'umutekano.

Ati: “Ubufatanye n'abaturage ni inkingi ya mwamba mu kurwanya ibyaha no gucunga umutekano w'abaturarwanda. Turashimira abaturage dufatanya mu gukumira no gukurikirana ibyaha binyuze mu gutanga amakuru.”

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda yanenze abahitamo inzira y'ubugizi bwa nabi, bishora mu byaha ngo babone amaramuko, kandi bafite imbaraga zo gukora, bityo ko ibi bikwiye kubera urugero n'abandi ko uwagerageza gukora ibisa nabyo wese azafatwa.

Yashishikarije abaturage gukomeza gutanga amakuru ku byaha no gukorana n'inzego z'umutekano kugira ngo umutekano usesuye udakomwa mu nkokora.

# ABAPOLISI BARENGA 1200 BASOJE AMAHUGURWA Y'IBANZE YIHARIYE MU BYO GUCUNGA UMUTEKANO




Abapolisi 1,238, ku wa Gatandatu tariki ya 13 Nzeri, basoje amahugurwa y'ibanze yihariye ahabwa abapolisi (Basic Police Special Forces Course), mu Kigo cya Polisi gitanga amahugurwa yo Kurwanya iterabwoba (Counter Terrorism Center-CTTC) giherereye i Mayange mu Karere ka Bugesera.

Ni amahugurwa y'icyiciro cya 3, yari amaze amezi atatu (3), aho abayitabiriye barimo ab'igitsinagore 220, bize amasomo atandukanye arimo imyitozo njyarugamba, amasomo ajyanye no kurinda ituze rusange, gutabara abari mu kaga, ubuhanga mu gukoresha intwaro, kunyura mu nzitizi n'ubumenyi n'ubushobozi bwo gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa byihariye bya Polisi mu kubungabunga umutekano.

Ubwo yasozaga ku mugaragaro aya mahugurwa, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP), CG Felix Namuhoranye yagarutse ku byo bitezweho nyuma yo gusoza amahugurwa, abasaba kurangwa n'ubunyamwuga mu kazi.

Yagize ati: "Mwasoje amahugurwa y'ibanze abinjiza mu kazi muri Polisi y'u Rwanda, mukomeza urugendo kugeza uyu munsi nabwo mukaba musoje amahugurwa y'ibanze yihariye. Mwujuje ibyangombwa byose





bizababafasha gushyira mu bikorwa inshingano muzahabwa kinyamwuga. Mugomba rero kudatezuka, mugahora muharanira kurinda umutekano w'abanyarwanda, mwirinda icyahesha isura mbi mwebwe ubwanyu, Polisi y'u Rwanda n'igihugu muri rusange."



Yabibukije ko umutekano w'Abanyarwanda ufite agaciro ntagereranywa bityo ko bisaba ubwitange, imbaraga no kudatezuka, abasaba gukomeza kurangwa n'ikinyabupfura no guhora bongera ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye no gukemura ibibazo byugarije umutekano.

Komiseri w'Ishami rya Polisi rishinzwe amahugurwa, Assistant Commissioner of Police (ACP) Barthelemy Rugwizangoga, yashimiye abasoje amahugurwa imyitwarire myiza, ubufatanye n'ubushake bagaragaje.
ACP Rugwizangoga yashimiye abarimu babahuguye ku bw'umurava, ubunyamwuga n'ubwitange bagaragaje mu gutanga amasomo, ashimira n'ubuyobozi bukuru bwa Polisi y'u Rwanda ku nkunga badahwema gutanga; yaba iy'ibikoresho n'inama bifasha mu migendekere myiza y'amahugurwa atangirwa mu bigo byose bya Polisi.



Ikigo cya CTTC Mayange ni kimwe mu bigo bitatu bya Polisi y'u Rwanda bitangirwamo amahugurwa atandukanye. Cyashinzwe mu mwaka wa 2013, gihabwa inshingano zo guhugura abapolisi, kibubakamo ubushobozi n'ubuhanga buhanitse bwo gukumira no kurwanya iterabwoba, hibandwa cyane ku myitozo ngiro, ikoranabuhanga rigezweho n'amayeri akoreshwa mu bikorwa byo gucunga umutekano, hagamijwe kurinda umutekano w'igihugu no kugira uruhare mu kubungabunga ituze n'umutekano mu karere no hanze yako.







# INTUMWA Z'UMURYANGO W'ABIBUMBYE ZIRISHIMIRA UKO U RWANDA RWITEGURA IBIKORWA BYO KUBUNGABUNGA AMAHORO

Mu gitondo cyo ku wa Mbere tariki 15 Nzeri, Umuyobozi Mukuru wungirije wa Polisi y'u Rwanda (DIGP) ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DCG Jeanne Chantal Ujeneza yakiriye ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru, intumwa z'umuryango w'Abibumbye ziri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda.

Izi ntumwa ziyobowe na Bwana Michael Mulinge Kitivi, umuyobozi w'ishami rishinzwe kwita ku bushobozi bw'inzego z'umutekano ku cyicaro gikuru cy'Umuryango w'Abibumbye, zagiranye inama n'abahagarariye Polisi ndetse n'Ingabo z'u Rwanda (RDF).

Afungura ku mugaragaro iyi nama, DIGP Ujeneza yagarutse ku gaciro k'ibiganiro ku mikorere n'ibikoresho byifashishwa mu kazi, mu kunoza imigendekere myiza y'ibikorwa byo kubungabunga amahoro.





Yagize ati: "Duha agaciro aya mahirwe aduhuza ngo tugirane ibiganiro byubaka. Twese tuzi ko ibikoresho byifashishwa mu bikorwa byo kubungabunga amahoro bigira akamaro gakomeye mu gushimangira imigendekere myiza y'akazi gakorerwa mu butumwa, mu gihe byafashwe neza kandi bigakoreshwa icyo byagenewe."



DIGP Ujeneza yasobanuye ko ibi bigerwaho mu gihe hashyirwa imbaraga mu guharanira ko abakozi bitabwaho, bagahabwa ibyo bagenerwa uko bikwiye kandi ku gihe bigatuma bagira ishyaka kandi bahora biteguye kuzuza inshingano.

Bwana Kitivi, ukuriye iri tsinda ry'intumwa, mu ijambo rye yavuze ko uruhare rw'u Rwanda ari ingenzi mu bikorwa by'Umuryango w'Abibumbye mu kugarura amahoro hirya no hino ku isi.

Yagize ati: "Kuri ubu, kuba u Rwanda ari urwa kabiri mu kugira umubare munini w'abari mu bikorwa byo kugarura amahoro hirya no hino ku isi, by'umwihariko rukaza ku mwanya wa mbere mu kohereza abapolisi benshi, ni umwanya ku rutonde ubwawo ugaragaza guha agaciro no kubahiriza izi ngamba bishimangira ko hakenewe gukomeza ubu bufatanye mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere."

Iyi nama iterana rimwe buri myaka ine, biteganyijwe ko izamara iminsi itatu yiga ku bijyanye no gutegura abapolisi n'ingabo, ubushobozi buhari mu bijyanye n'ibikoresho n'amahugurwa bahabwa, n'ibyerekeranye n'imibereho, ubuvuzi n'ubwikorezi mu gihe cy'imyitozo ibanziriza kujya mu butumwa bw'amahoro.

# ABAPOLISI 20 BASOJE AMAHUGURWA MU BYO GUCUNGA UMUTEKANO WO MU MAZI




*Abapolisi 20 bo mu Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu mazi (Marine Unit), ku wa Gatanu tariki ya 26 Nzeri, basoje amahugurwa yaberaga ku Kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rubavu.*

Ni amahugurwa yateguwe ku bufatanye n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye gishinzwe amahugurwa n'Ubushakashatsi (UNITAR), yasojwe ku mugaragaro mu izina ry'ubuyobozi bukuru bwa Polisi y'u Rwanda na Commissioner of Police (CP) Rafiki Mujiji, Umuyobozi w'Ishuri rikuru rya Polisi (NPC).

CP Mujiji yavuze ko aya mahugurwa ari ingenzi mu kuzamura ubushobozi bw'Ishami rishinzwe gucunga umutekano wo mu mazi.

Yagize ati: "Iyi gahunda y'amahugurwa ni intambwe y'ingenzi mu kuzamura ubushobozi bw'abapolisi kuko abafasha mu kurinda amazi ubwayo no kubungabunga umutekano w'abayakoresha n'ibikorwa biyakorerwamo."

Yakomeje avuga ko kongerera ubushobozi abapolisi ari gahunda ikomeza kandi y'igihe kirekire bigendanye n'uko ibibazo by'umutekano wo mu mazi bikomeza kwiyongera.

Ati: "Bijyanye n'imiterere y'amazi nk'ahantu hahorana impinduka, ikoranabuhanga ryiyongera, ni nako havuka ibibazo bijyanye n'umutekano. Bityo tugomba gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda z'amahugurwa yihariye nk'aya, kugira ngo abapolisi bahore biteguye, kandi bafite ubushobozi bwo kuzuza inshingano mu bihe byose."




CP Mujiji yashimangiye ko aya mahugurwa ari ingenzi mu kugaragaza ko Ikoranabuhanga ryonyine ridahagije; ahubwo ko imikorere myiza y'ubwato

n'ibindi bikoresho byifashishwa n'Ishami rishinzwe umutekano wo mu mazi n'ubushobozi bw'Ishami muri rusange, ubunyamwuga n'ubuhanga bw'abapolisi babikora, ikinyabupfura no gushyira mu gaciro, ari byo bituma habaho itandukaniro rikomeye, bikaba ari nabyo aya masomo yari agamije nk'intego yayo.

Yashimiye abapolisi bayitabiriye, abasaba gukomeza kwihugura, gukorera hamwe, no gukoresha ubumenyi bungutse mu kazi ka buri munsi ku bw'umutekano w'abaturarwanda nk'inshingano z'ibanze za Polisi y'u Rwanda, ashimira n'Ikigo cya UNITAR ku bw'ubufatanye ndetse n'abarimu batanze amahugurwa ku bw'ubwitange n'umurava bakomeje kugaragaza.

Assistant Commissioner of Police (ACP) Emmanuel Butera, uyobora Ishami rishinzwe umutekano wo mu mazi, mu ijambo rye, yavuze ko inshingano z'iri shami kugira ngo zikorwe neza bisaba ibirenze kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza mu mazi magari. "Zikubiyemo no kurinda no kurengera ubuzima, gucunga ituze rusange no kurinda umutungo kamere ugaragara mu mazi y'igihugu mu buryo bwo gukumira no guhangana n'ibiyahungabanya."

Yibukije abasoje amahugurwa ko hari ibibazo bitoroshye bikigaragara bisaba ubutwari, gushishoza no gufata ibyemezo nyabyo, ariko ko ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda n'ishami rishinzwe umutekano wo mu mazi by'umwihariko biteguye gukomeza kubashyigikira mu gukora neza no gushyira mu bikorwa inshingano za Polisi y'u Rwanda.

Mu gihe cy'iminsi 15 bamaze bahugurwa, bize amasomo atandukanye arimo; kumenya no kuyobora ubwato, kubusukura, kubugenzura no kubusana mu gihe bugize ikibazo, umutekano mu mazi, iteganyagihe, itumanaho mu mazi, kurwanya inkongi, Kwifashisha ibikoresho by'ubutabazi n'andi atandukanye abaha ubumenyi bwihariye mu byo gucunga umutekano wo mu mazi.





# SANTRAFURIKA: ABAPOLISI B'U RWANDA BARENGA 180 BARI MU BUTUMWA BW'AMAHORO BAMBITSWE IMIDALI Y'ISHIMWE



Abapolisi b'u Rwanda 188 bari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Repubulika ya Santrafurika (MINUSCA), ku wa Gatanu tariki ya 26 Nzeri 2025, bambitswe imidali yo kubashimira igihe cy'umwaka bamaze bacungira umutekano abaturage b'abasivili muri icyo gihugu.

Abambitswe imidali ni abapolisi 180 bagize itsinda RWAFPU-3 n'abandi umunani badakorera mu matsinda (IPOs).

Umuhango wo kubambika imidali wayobowe n'Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri UNPOL, (Commissioner General) CG Amir Arfaoui witabiriwe n'uhagarariye Inyungu z'u Rwanda muri Santrafurika, Ambasaderi Olivier Kayumba n'abandi bari bahagarariye amashami y'umuryango w'abibumbye muri iki gihugu.

Mu ijambo rye CG Amir Arfaoui, yavuze ko imidali bahawe ari ikimenyetso cy'ubwitange n'umuhate bagaragaje mu kazi ko kubungabunga amahoro.

Yagize ati: "Iki gikorwa cyo gutanga imidali ku bapolisi b'u Rwanda bari mu butumwa, ntabwo ari ukurangiza umuhango gusa ahubwo ni ikimenyetso cyo kuzirikana umuhate, umurava n'ubwitange byabaranze mu kazi. Mwabaye indashyikirwa, murangwa n'ubwitange, ikinyabupfura no kutirebaho ari nabyo byabafashije mu kubahiriza inshingano zanyu."

CG Amir Arfaoui yasoje ashimira buri umwe ku ruhare yagize mu kuzuza inshingano mu bikorwa bitandukanye bijyanye no gucungira umutekano aho bari bashinzwe batibagiwe n'ibikorwa byo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

U Rwanda rufite amatsinda ane y'abapolisi



mu butumwa bwa Loni mu gihugu cya Santrafurika ariyo; RWAFPU-1 na PSU akorera mu Murwa mukuru Bangui, itsinda RWAFPU-2 riri ahitwa Kaga-Bandoro ndetse na RWAFPU-3 rikorera mu Mujyi wa Bangassou.







## MINUSCA RWAFPU-3



# IMIKINO

# GMT 2025: IKIPE YA POLISI YA TAEKWONDO YEGUKANYE IGIKOMBE N'IMIDALI 11



Ikipe ya Polisi y'u Rwanda mu mukino njyarugamba wa Taekwondo yitwaye neza mu irushanwa ryo Kwibuka Jenoside (Genocide Memorial Tournament-GMT 2025), yegukana igikombe n'imidali 11, irimo 7 ya zahabu n'ine y'umuringa.

Iri rushanwa ryabereye mu Kigo cy'amashuri cya Highland giherereye i Nyamata, mu Karere ka Bugesera mu gihe cy'iminsi ibiri; ku wa Gatandatu tariki ya 28 no ku Cyumweru tariki ya 29 Kamena, ryateguwe mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (Kwibuka31), hazirikanwa abakinnyi n'abafana bavukijwe ubuzima bazira uko bavutse.

Imikino yatangijwe n'urugendo rwo kwibuka, aho abitabiriye irushanwa berekeje ku rwibutso rwa Nyamata, bashyira indabo ku mva, banasobanurirwa amateka yaranze itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi.




Ryahuje amakipe 13, agizwe na 11 yo mu Rwanda; Police Taekwondo Club, Dream fighters, Dream club, Pionner, Bugesera, IYF, Best choice team, Kirehe team, Wisdom team, Mount hope team na Unit team, ndetse n'amakipe abiri yo hanze ariyo; Uganda

Police yo muri Uganda na Tharaka University yo muri Kenya.

Police Taekwondo Club niyo yahize andi makipe zari zihanganye, iza ku mwanya wa mbere yegukana igikombe, imidali 7 ya zahabu n'imidali 4 y'umuringa, mu gihe ikipe ya Dream Taekwondo Club yaje ku mwanya wa kabiri, Dream Fighters Taekwondo Club iza ku mwanya wa gatatu.



# VOLLEYBALL: AMAKIPE YA POLISI YEGUKANYE IBIKOMBE BYOSE BY'IRUSHANWA RYO KWIBOHORA 2025




Amakipe ya Polisi y'u Rwanda mu mukino w'intoki wa Volleyball mu bagabo (Police VC) no mu bagore (Police WVC) yitwaye neza yegukana kuri iki cyumweru tariki ya 6 Nyakanga, ibikombe byombi by'irushanwa ryo kwibohora.

Ni irushanwa ryaberaga muri Petit Stade Amahoro i Remera, kuva ku wa Gatanu kugeza ku Cyumweru, hatangwa ibihembo ku makipe yitwaye neza.

Ikipe ya Police VC ku mukino wa nyuma wayihesheje igikombe yatsinze APR VC amaseti 3-2; aho iseti ya mbere yari yegukanywe na APR VC itsinze 25-22, iseti ya kabiri bakinnye igahesha Police VC kwishyura ku manota 25-22.

Police VC yaje kongera gutsindwa iseti yakurikiyeho, APR yongera kuyobora umukino ifite amanota 25 kuri 20, cyakora Police VC iza gutsinda iseti ya kane, biba bibaye amaseti abiri kuri abiri,




*Police Volleyball Club*




hanyuma haza kwitabazwa kamarampaka, aho Police VC yashyize akadomo ku mukino itsinda iyo seti ya kamarampaka ku manota 15-10 ya APR VC.

Ni mu gihe mu bagore ikipe ya Police WVC yegukanye igikombe itsinze APR WVC amaseti 3-1, n'ubwo APR WVC ari yo yari yatangiye itsinda iseti ya mbere n'amanota 25-18, Police WVC iza kuyigaranzura iyitsinda amaseti atatu yikurikiranya; 25-10, 25-19 na 25-19.

Iyi mikino y'irushanwa ryo kwibohora yaranzwe n'ibyishimo ku bafana b'amakipe ya Polisi mu bagabo ndetse no mu bagore, kikaba ari igikombe cya kabiri ikipe ya Police VC yegukanye muri uyu mwaka nyuma yo kwegukana igikombe cy'irushanwa Rutsindura Memorial Tournament mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi, itsinze iya REG VC.

Ikipe ya Polisi mu bagore (Police WVC) itwaye iki gikombe yikurikiranya, iciye agahigo ko kuba imaze gutsinda ikipe ya APR WVC inshuro 8 zose mu nshuro 9 bahuye, ikaba kandi yarabashije gutwara igikombe cyose cyo mu irushanwa yitabiriye muri uyu mwaka.



**P. O. Box 6304 KIGALI**
info@police.gov.rw

**SCAN HERE.**
info@police.gov.rw

**Follow Us:**

**Rwandapolice**